# Ibintu Bigomba Kuzaba
Rialto, California, USA
12-05-1965

1 Mwene Data Boone namwe bakundwa muteraniye hano, mu by'ukuri ni amahirwe akomeye kuri njye kongera kuba i San Bernardino. Ni hantu hari byinshi byibutsa ibihe byakera. No kumva bavuga ko, ibyiza by'uruzinduko rwacu ruheruka bikigaragarira amaso n'uyu munsi, ntagushidikanya ko twishimiye ko Umwami yatuyoboye hano, mu myaka yashize.

Mu mwanya muto ushize, nari muri parikingi, ngerageza kwibuka kimwe mu byabaye. Hari Madamu Isaacson wari umusemuzi wanjye muri Finilande, mugihe twakoragayo ibiterane, maze yegera imodoka ubwo nendaga kugenda. Nuko arambwira ati: "Ijwi ryawe ryo muri Finilande". None nibazaga niba Madamu Isaacson adatuye muri aka gace. Sinarimbizi. Sintekerezako yaba ari hano uyu mugoroba? Madamu May Isaacson, ukomoka muri Finilande.

2 Hanyuma, ikindi kintu kidasanzwe nongeye kwibuka: ni umugore ukiri muto w'umuseriveri, wo muri resitora nafatiragamo amafunguro si kure y'aha , ahitwa hoteri Antlers. Ndumva aribyo. Uwo mugore muto yari afite… nasengeraga hamwe na we. Yari afite…yari umugore w'imico myiza. Ariko ntiyari umukristo. Namutumiye kuza mumateraniro. Yari yarapfushije umwana kandi ntekerezako umugabo we, bari baratandukanye. Kandi twarasengaga ngo yiyunge n'umugabo we, cyangwa bombi basubirane. None, ndibaza niba, uwo mugore, yaba atari hano. Murabona? U…

Ikindi kintu cyabaye : Umwana w'uruhinja bamuzanye, bamukuye ahantu kure (hareshya n'urugendo rw'umunsi wose mu modoka.) Yari yapfuye, yari mubiganza bya nyina. Nuko arazuka. . Ese uwo…ese uwo muntu yaba ari aha? Yari yaturutse, ndatekereza, muri leta yo muri iki cyerekezo, haruguru y'aha. Uwo mubyeyi ukuri muto yari yagenze ijoro ryose hamwe n'umugabo we, uwo mubyeyi ukiri muto yicaye aho, ababaye, ateruye mubiganza bye umurambo muto w'uruhinja rwe. Nuko ndibwira nti: " Mbega ukwizera!" nubwo nari kuba ndi indyarya iruta izindi mu isi, Imana yagombaga kubahiriza ukwizera k'uriya mubyeyi.

Nari nteruye uwo mwana mu biganza, ntya, nsenga. Yongera gushyuha nuko atangira kunyegenyega, abumbura amaso ye mato. Namusubije nyina. Bari baturutse ahantu runaka. Sintekereza ko bari aba Pantekoti. Bari gusa…. Ndatekereza ko ryari itorero gusa ri…ntanubwo nzi niba bari abakristo cyangwa batari bo. Sinigeze mbibabaza. Nari nanejejwe cyane no kuba umwana yari azutse. Kuva icyo gihe, mwene Data Boone, amaziamazi yazindutse ubu ageze kure. Ariko turacyahari, dukomeje gukorera ya Mana, uko yari ari ejo, niko Ari none kandi niko Azahora iteka ryose.

3 Mugihe narindi kuraranganya amaso hirya no hino, mbona mwene Data Leroy Kopp, wicaye hariya. Ni ubwambere nongeye kumubona nyuma y'igihe kirekire. [Mwenedada umwe avuga ati: " Paul Kopp niwe uhari"- .ubwanditsi] Paul. Nibyo Leroy ni papa wawe. Nibyo. ["Kandi a…ari mu Burusiya, uyu mugoroba, mumusengere.] Oh! la! la! Mu Burusiya. Nziko uriya musirikare w'intwari, niba ari hariya, ni uko ari mu butumwa bw'Umwami. [« Niko bimeze »]. Kubw'ibyo nejejwe cyane no kuba hano no kumva ko uriya mukozi w'Imana ukiri muto avuga ko yabonye guhumekerwa biturutse ku murimo wacu, ubwo twari ino. Nukuri biranejeje ! Noneho ndizera ko, ubwo dufite…hari abantu bahagaze, ntabwo dutwara umwanya munini. Turacyabitse urwibutso rwa bya biterane byo gukiza indwara.

4 Kandi, nkuko nabyumvise, hari e-e- mwene Data umwe muri aka gace turimo, uri gukora igiterane cyo gukiza indwara, ni mwene Data Leroy Jenkins. Ndumva aribyo. None ndashima cyane kandi mfite kwizera ko Umwami ari bumuhe umugisha kandi akamuha kugira amateraniro meza cyane. Ni…

Oh! Numvise nubashywe cyane, uyu mugoroba, kwinjira mw'itorero nkiri. Iteka numva nguwe neza, iyo ndi mu rusengero kurusha kuba mu byumba biberamo ibitaramo by'imyidagaduro. Sindwanya icyumba cy'imyidagaduro. Ariko, muzi, nda… wenda ni imyumvire yanjye, cyangwa se nkaba…njyewe, mbona ari ukuri. Murabibona? ba…Bajya mu byumba by'imyidagaduro, ahabera imirwano, gukirana, n'indi myidagaduro y'ubwoko bunyuranye, n'ibindi, wagira ngo imyuka mibi niho yibera. Byakumvikana nkaho ari imyumvire yanjye, ariko siko bimeze. Ariko, iyo tuje mu itorero, ba…muri rusange, ikirushijeho iyo ari iteraniro ry'abanyamwuka, wumva uguwe neza, ni nkaho haba hari ikintu runaka. Haba hari ukugaragara kw'Imana. Murabizi, wagirango siko bimeze, sinzi icyo iyo nyubako yongeraho, ariko ni ahantu abantu bateranira. Niko biri, ni kimwe na ba bantu dusanga hahantu handi, ariko aho ho ni habi. Wenda ni igitekerezo nihariye. Ariko uko bimeze kose, nejejwe no kuba ndi aha uyu mugoroba.

5 Noneho rero, ntidushaka kubagumana umwanya munini, kuko hari abantu bahagaze, kandi ejo ku mugoroba tuzajya ahandi hantu. Sindanamenya aho ari ho. Ni hafi ya hano. [Mwene Data umwe ati : « ni ku cyumba cy'imyidagaduro cy'akarere ka Oranje »- Umwanditsi] Hehe ?[« ku cyumba cy'imyidagaduro cya Oranje »] Ku cyumba cy'imyidagaduro cy'akarere ka Orange, ku bw'amateraniro y'ejo nimugoroba. Nagombaga… Ni hagati… Naje guhura n'Abacuruzi (itsinda ry'Abacuruzi b'Ubutumwa Bwuzuye), aribo nagize amahirwe yo kubwira mu isi yose. None rero, muri iki gihe incuti yanjye ikomeye, yadutumiye aha, kandi tunejejwe no kuba, turi muri iri teraniro uyu mugoroba.

Noneho mbere yo kubumbura Bibiliya… nibyo koko, umuntu wese ufite imbaraga z'umubiri

yayibumbura atya. Murabibona, ariko Umwuka wera wenyine niwe ushobora kudufungurira ijambo, ukadufungurira imyumvire yacu no guhishura ibyanditswe. Nizera Bibiliya. Nizera ko ari ijambo ry'Imana. Nizera ko isi cyagwa abatuye mu isi, umunsi umwe bazacirwa urubanza n'iri jambo. Nyamara, bishobora kumvikana nk'ibidasanzwe, kandi hari abantu benshi batabyemera.

6 Ntagihe kinini gishize, naganiraga n'umwe mu nshuti zanjye nziza, w'umugatolika, arambwira ati : « Imana izacira isi urubanza ishingiye kuri kiliziya gatolika ». Niba ari uko bimeze, ni irihe torero gatolika? Murabona? Ninako biri, niyicira urubanza ishingiye ku ba metodisite, ese bizagendekera bite aba batisite? Murabona? Nicira isi urubanza ishingiye ku itorero rimwe, irindi rizaba rizimiye. Murumvako aho harimo urujijo rwinshi. Ahubwo ni kuri Ryo tugomba gushingiraho kugira ngo tubone ukuri, kandi Bibiliya ivuga ko Imana izacira isi urubanza muri Yesu Kristo. Kandi niwe Jambo.

> *Yohana 1: "Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe. Mu Baherurayo 13.8 handitse ngo: " Uko yari ari ejo niko ari ni nako azahora, iteka ryose." Kandi nizera ko ari ukuri.*

Mu by'ukuri, nizera ko…

7 Imana, mu itangiriro, kuko ari Imana itagira iherezo; Ifite aho igarukira, kandi…nako, ntigira iherezo. Twebwe, dufite iherezo. Igitekerezo cye, gikuru cyane, noneho twebwe, n'ibitekerezo byacu bigufi, bifite aho bigarukira, ntidushobora gusobanukirwa ubwenge bwa Yo butagira iherezo. Ariko, kubw'ibyo, iyo hari icyo avuze, bishobora kutugaragarira nk'ibidasanzwe, kumwumva avuga ikintu runaka mu Byanditswe, ariko ibyo bigomba gusohora. Nizera ko amagambo yayo atazashira. Kubw'ibyo ndizera ko Imana... Nk'uko izi ko twe n'ibitekerezo byacu bito, tudashobora gusobanura igitekerezo cyayo kinini, niyo ubwayo isobanura Ijambo rya Yo. Ntikeneye umusemuzi, isemura ubwayo Ijambo ryayo, irihamiriza mugihe cyaryo.

8 Nizerako Imana, mu itangiriro, ko Nowa yari Ijambo ry'icyo gihe, ry'ubutumwa bwa Yo. Nuko araza… nyuma haza Mose. Kandi Mose ntiyagombaga kuzana Ijambo rya Nowa. Ntiyashoboraga kubaka ubwato bwo kubasohora muri Egiputa, banyuze muri Nili, bagana mu gihugu cy'isezerano, cyangwa se n'ikindi kintu gisa nkicyo. Ubutumwa bwe ntibwari bujyanye n'igihe cya Nowa. Cyari igice cy'Ijambo ry'Imana, rihamirijwe na Mose nk'ukuri. Na Yesu nawe ntiyashoboraga kugira ijambo rya Mose. Kandi naba… Na Luther nawe ntiyashoboraga kugumana inyigisho za kiliziya gatolika. Wesley nawe ntiyashoboraga kuguma mu nyigisho za Luther. Abapantekote, bo ntibashoboraga kuguma mu nyigisho z'aba metodisite. Ba…Murabona? Itorero rirakura. Buri gisekuruza cyagenewe umugabane mu Byanditswe hano. Noneho, Imana ikoresheje umwuka wera, ihishura ijambo ryayo, mu kurigaragaza no kurihamiriza, Yo ubwayo, ikerekana ko ari Ijambo rya Yo riri gusohora, mu gihe cyaryo ryarasezeranijwe.

9 Ni byo Yesu yavuze. Yavuze ati : « Niba mudashobora kunyizera , nimwizere imirimo nkora », kuko niyo ihamiriza uwo yariwe. Murabona ?Iyo haza umuntu usobanukiwe Ibyanditswe… Muby'ukuri, Yaje mu buryo butangaje, budasanzwe ku buryo abantu batashatse kumwizera, kuko, « We, wari umuntu, yigiraga Imana ».

Nukuvuga ko yari Imana muyindi shusho. Imana yari muri Kristo, yiyunga ubwa Yo n'abantu, " kandi ntamuntu ushobora gukora iyo mirimo, Imana itari kumwe nawe", nkuko tubizi, niko Nikodemu yavuze, ko, ariko bagenzi be b'abanyamategeko bizeraga. 13 Kandi tuzi ko iri jambo… Iyo baza kuba baramenye Ijambo… Yavuze ati: " Iyo mumenya Mose, nanjye mwari kumenya, kuko Mose yanditse kubyanjye". Kandi mugushakisha…Iyo baza gukora ubushakashatsi mu Byanditswe, kugira ngo babone ibyo Mesiya yagombaga gukora, noneho bari kumumenyera ku guhamirizwa, ko Imana, muri Kristo, yari iri kwiyunga Yo, ubwayo, n'isi, No gusohoza amasezerano yose, yagombaga gusohozwa na Mesiya. Yesu yahamirije iryo Jambo, aribeshaho muri icyo gihe.

10 Kandi nizerako, ariko bimeze n'uyu munsi: Imana, ihamiriza Ijambo rya Yo, ishimangira ibyo iba yaravuze ko izakora.

Kandi tuzi ko, uyu ariwo munsi w'agakiza, aho Imana ihamagara abantu ngo basohoke mu isi, mu buzima bw'icyaha, kugira ngo babeho mu buzima bwo kuyikorera. Kandi ku munsi Imana yatanzeho Umwuka wayo uturutse mu Ijuru, ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye bigomba guherekeza umurimo uyu munsi. Aho ni ho… Ni mu gihe imvura y'itumba n'iy'umuhindo zigwira rimwe. Kandi tuzi ko hagomba kugaragara ibimenyetso n'ibitangaza, ariko mu madini menshi, ibi barabyanze.

Ariko ndashimira cyane ku bw'iyi miryango yakingutse nkabasha kwinjira, no ku guhumekerwa kwahawe abasore, nk'umwungeri wanyu, hano. Ari cyo cyabateye kuzana… Mugihe njye ngenda nsaza, kandi nzi ko iminsi yanjye ibaze, ubu nziko aba basore bashobora gufata ubu butumwa bakabubukwiza hose, kugeza ku kugaruka k'Umwami, niba aramutse ataje muri iki gihe cyanjye... Ariko niringiye kuzamubona... Mutegereza buri munsi, ndara mumasengesho, nitegurira ya saha.

11 Noneho, tuvugisheUmwanditsi, mbere y'uko dusoma Igitabo Cye, twubitse imitwe yacu.

Data wo mu ijuru, turagushimira, kuba tukiri bazima uyu mugoroba, kuba twabashije kugaruka muri

uyu mugi ukomeye. Hagati y'uru ruyange rw'imisozi. Mukubona kandi urubura ku misozi, n'ibiti by'amaronji yarabije, mbega isi nziza waduhaye ngo tuyibemo! Kandi iyo tubonye ukuntu umuntu yangije iyi si, n-n'ukuntu yitwaye muri iyi si, twumva dufite isoni natwe ubwacu, Data.

Turi hano, uyu mugoroba, dufite intego yo gutanga umusanzu wacu, tugerageza gutuma abantu babona iki kintu gikomeye Imana yakoze, ari cyo cyo kumenya, ko hari ikintu gikomeye kurusha ibindi ku rundi ruhande. Tubashe kureba kuri cyo, uyu mugoroba, Data, mu gihe dufata Ijambo ryawe, tukarisoma. Dushobora kurisoma. Data, ariko reka Umwuka Wera ariduhishurire, mu ihishurirwa, kuko tubisabye mu izina rya Yesu. Amen.

12 Noneho, mwe mukunda wenda kwandika no—no gusoma Ibyanditswe hamwe n'umubwiriza, kuko muri rusange barabisoma. Kera, igihe na…hashize imyaka, sinarinkeneye kwandika imirongo ya Bibiliya cyangwa ikindi cyose. Ariko, kuva aho natangiye gusaza ho gato. Murabona? Ni uko maze kurenza imyaka makumyabiri n'itanu, ntagihe kinini gishize: hashize gusa imyaka makumyabiri n'itanu, ibyo bibaye. Ubwo rero byatumye ibintu bikomera ho gato. Ariko ngerageza uko nshoboye kose, mu bumenyi mfite bwose bw'ijambo, kuburyo Anyiyibutsa.

13 Noneho dufate Yohana, igice cya 14- Ibyanditswe tuzi neza, kandi dushaka gusoma uyu mugoroba, ngo tugire icyo tuvomamo uyu mugoroba, niba Umwami abishatse. Abantu hafi ya bose bazi uyu murongo w'Ibyanditswe. Biragaragara ko akenshi, bakunda kuwukoresha mu mihango yo gushyingura. Niba hari umunsi, nakwifuza kuzabwiriza mu muhango wo gushyingura, ni mu muhango wo gushyingura iyi si. Reka ipfe, maze yongere ivuke bundi bushya. Yohana 14: 1-7, ndizera ko ari byo nanditse hano.

> *" Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere.*
>
> *Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu.*
>
> *Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo. Kandi inzira murayizi."*
>
> *Toma aramubwira ati: "Databuja, ntituzi aho ujya, inzira twayibwirwa n'iki?"*
>
> *Yesu aramubwira ati: "Ni njye nzira y'ukuri n'ukuri n'ubugingo: nta wajya kwa Data ntamujyanye.*
>
> *Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data.*
>
> *Uhereye none muramuzi kandi mwamurebye."*

Umwami yongere imigisha ku gusomwa kw'Ijambo Rye. Turaza kujya tuhashingira, muri iri somo twifuza kugeza ku itorero.

14 Ejo ku mugoroba—nari i Yuma, muri Arizona, aho ntuye ubu. Nda -nda…ubwo naherukaga ino nari ntuye I Jeffersonville ho muri Indiana. Ubu ntuye muri Arizona, kubera iyerekwa nakiriye, ryambwiraga kujyayo, hashize imyaka mike. Ubu niho twahisemo gutura. Nta torero mfiteyo.

Mwene Data Green, uri kumwe natwe hano, yashinze itorero, aho…rimwe mu materaniro y'Imana, iryo mu mujyi rwagati. Bishyize hamwe, kandi ntekereza ko bose bihuje na mwene Data Brock na mwene Dara Gilmore, basiga iryo torero ntawe barisigiye. Nuko mwene Data Pearry Green, wo—wo muri Texas, umwe mu bo dusanzwe dufatanya, yagiye gutura yo, ararifata. Tunejejwe no kumenya ko—ko mwene Data Green yongeye gufungura iryo torero, ryari rifunze.

15 Ejo ku mugoroba, nabwirije i Yuma, hamwe n'Abacuruzi b'Abakristo (Hommes d'Affaires Chretiens). Navuze ku bijyanye n'Izamurwa. Kandi, ni ikibwiriza wenda kitoroshye kugitangira mu—mu gitaramo, ariko benshi mu bari bahateraniye, bari abakristo. Kandi ninako bimeze mu biterane nk'iki, cyangwa mu mumateraniro. Nashoboraga kubaza nti:"Muri mwe abakristo ni bande?" Birashoboka cyane, ko ibiganza byose byazamurwa. Muri abakristo. Niba rero turi abakristo, ntekerezako byaba byiza tuburiwe hakiri kare. Ntidukwiye kujyayo mu buhumyi, tuburirwa ku iherezo ryacu, mbere y'igihe.

Ni kuri ibyo, nifuzaga kuvugaho, uyu mugoroba. Umutwe w'ikibwiriza uraba witwa: Ibigomba kuzaba. Kandi nkuko, ejo kumugoroba, navuze ku izamurwa, none uyu mugoroba, ndifuza kuvuga kuri icyo kibwiriza, kugira ngo, mbihuze n'ikibwiriza cy'ejo, nimugoroba. Ni ukuvuga ko hazabaho izamurwa, ibyo turabizi. Ni ikintu kizaba mu gihe kizaza.

16 Noneho, aha Yesu avuga, ukuntu yagiye kudutegurira ahacu. " Ntimuhagarike imitima yanyu." Hariya yabwiraga abayahudi. Yavuze ati: " Mwizere Imana nanjye munyizere. Ubwo mwizeye Imana, nanjye munyizere kuko ndi umwana w"Imana." Murabona? "Ni Imana." Mu yandi magambo bivuze ngo: "Njye na Data turi umwe. Data aba muri njye. Kandi ibyo mubona bikorwa, ibyo mubona nkora, si njyewe. Ni Data uba muri njye, ni We ukora iyo mirimo." " Imana yari muri Kristo, ubwayo yiyunga n'isi."

17 Byari byoroheye bariya bayahudi, bari barigishijwe mu bisekuruza byinshi, iyo nyigisho, kwizera ko hariho Imana ikomeye irenze ibya kamere. Ariko no kwizera ko iyo Mana yamanutse, kandi ko yigaragaje binyuriye mu mwana wayo, Yesu Kristo, ko Imana yari yashyize ubuturo bwayo mu mubiri w'umuntu, ibi byari bikomeye kuri bo, ntibashoboraga ku—ku byumva.

Ariko yavugaga ati: " Mwizere Imana nanjye munyizere, mu rugo rwa Data harimo amazu menshi, kandi ngiye kubategurira ahanyu." Ubuzima bwa Yesu bwa hano ku isi, bwari bwegereje kurangira.

Yari yareretse abantu, kandi yari yarabahamirije, ko yari Yehova wigaragaje mu mubiri: binyuriye mu bimenyetso n'ibitangaza, ndetse n'Ibyanditswe muri Bibiliya bashingiragaho, byose byavugaga kuri We. Yari yarahamirije ko yari Imana igaragajwe.

Noneho avuga ati: "Nimubona ubuzima bwanjye burangiye, buzarangira ku bw'umugambi. Kandi ngiye kubategurira ahanyu, kugira ngo aho mba namwe muzabe yo." Aha Yesu yabwiraga abigishwa be, ko ubuzima bwe butari kurangirira ku rupfu.

18 Kandi, navugaga ko ibi Byanditswe bikunze gukoreshwa mu mihango yo gushyingura. Mwibuke ko natwe, urupfu ruri imbere yacu, kandi ntituzi niba, bamwe mu bateraniye muri iyi nyubako, uyu mugoroba batari buyisohokemo ari bazima, aha, ni ku bijyanye n'ubuzima bw'umubiri. Ni muri ubu buryo utapfa kubimenya. Mu minota itanu gusa, birashoboka ko abasore bari muri iyi nyubako, abasore bafite ubuzima bwiza, baba bahindutse imirambo, mu minota itanu. Ibi ni ukuri. Ku rundi ruhande birashoboka ko mu minota itanu, twese twaba turi mu bwiza. Ntabwo twabimenya mu by'ukuri. Biri mu biganza by'Imana. Yesu yavuze ko nawe ubwe, atazi igihe ibyo bizasohora, ko ahubwo biri mu biganza bya Data wenyine.

Ariko, yababwiragako, ko nyuma y'urupfu, hari ubuzima. None rero, « ngiye gutegura ahantu », ni ukugira ngo azabakire, byerekana—ko hari ubuzima, nyuma y'uko ubu buzima burangiye.

Mbega ihumure ibi byakaduhaye, twese, kumenya ko nyuma y'uko ubu buzima, buzaba burangiye, hari ubundi buzima, tuzinjira mo. Kandi uko mugenda mugana mu za bukuru, ibi bigenda birushaho kubabera impamo. Uko iminsi y'ubuzima bwawe igenda ibwegera... biba bitangiye kuba ibifatika, utangira kwitegura, kwitegura icyo gikorwa gikomeye. Ubwo buzima nibwo bukomeza mu yindi si, ahandi hantu.

19 Kuvukira hano kwawe, byateguwe mbere. Ntekereza ko ibyo mubyizera. Buri wese muri mwe arabizi: kuvuka kwacu kwateguwe mbere. Ese mwari mubizi ko kuba muri aha, bidakomoka ku nkuru cyangwa igitekerezo cy'igihimbano? Byose byateganyijwe n'Imana mbere, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro—ko wagombaga kuba hano. Imana itagira iherezo yari ibizi. Kubwo kuba—kubwo kuba itagira iherezo, yagombaga kumenya buri kanyabuzima kose, kazabaho ku isi, n'inshuro kazahumbya amaso. Uko niko kutagira iherezo. Murabona? Mwebwe, gutekereza kwacu—gutekereza kwacu guto ntikwabasha kumva neza, icyo kutagira iherezo bivuze. Imana itagira iherezoyari izi byose. Bityo ntanakimwe cyayisoba.

Nibatuzi Ijambo ry'Imana, twaba tuzi aho tuba. Tuzi igihe turimo. Tuzi ibiri imbere yacu. Tubona ibyo twamaze kunyuramo. Kandi, igitabo cy'Imana ni uguhishurwa kwa Yesu Kristo: Imirimo ye yo mu bisekuruza byahise. Kugeza ku gitabo cy'Ibyahishuwe, n'amasezerano ye agomba kubanza gusohora. Kandi amasezerano Ye yose ni ukuri. Imana ntishobora kuvuga ijambo na rimwe, ngo ribure gusohora. Buri jambo ryose ivuze rigomba gusohora.

Mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro…

20 Hari abantu badasobanukirwa ibyabaye mu Itangiriro, iyo bavuze bati : " Imana yisubiramo." Oya ni mwe mubisobanukirwa nabi, nta kindi. Murabona?

Imana, mu itangiriro, yavuze iti: "Habeho ikintu runaka, habeho ikintu runaka, habeho ikintu runaka." Isi yari umwijima gusa, mu busa. Ndetse n'igihe yavuze ati: "Habeho umucyo, bishoboka ko hashize imyaka amagana, mbere y'uko umucyo ugaragara. Ariko iyo avuze icyo kintu, kigomba gusohora. Bigomba kugenda bityo. Murabona? Yavuze Ijambo rye. Izo mbuto zari munsi y'amazi, hanyuma imbuto ziramera. Icyo avuze kigomba gusohora.

Yavuze, anyuriye mu bahanuzi, —nabivuzeho ejo ku mugoroba, —dufate urugero, Yesaya yavuze ati: "umwari azasama inda." Ninde washoboraga gutekereza ko umuntu wari wubashywe n'abantu, yashoboraga kuvuga ijambo nka ririya. " Umwari azasama inda", kuko yari…

Umuhanuzi ni indorerwamo, agaragaza Imana. Aremwe mu buryo adashobora kuvuga amagambo ye bwite. Amagambo y'Imana ni yo agomba kuvuga. Ameze nk'indorerwamo, ni umuvugizi w'Imana.

Nuko avuga ati: "Umwari azama inda." Wenda ntiyabashaga no kubisobanukirwa ariko Imana yabivugiye muri we. Yasezeranye "ko ntacyo yakora atabanje kukimenyesha imbata za Yo, arizo bahanuzi." Kandi ubwo yabivugaga, haburaga imyaka Magana inani ngo bisohore. Ariko byagombaga gusohora.

Hanyuma, ayo magambo y'Imana afata mu nda y'umwari, arasama, nuko abyara Emanuweli. "U—

umwana yatuvukiye, twahawe umwana w'umuhungu. Azitwa 'Umujyanama', 'Imana ikomeye', Umwami w'amahoro, 'Data wa twese uhoraho'. ” Niko byagombaga kumera, kuko Imana yari yarabivugiye mu kanwa k'abahanuzi ba Yo. Kandi amagambo yose y'Imana agomba gusohora.

Bityo, tuzi ko Yesu yagiye gutegura ahantu, kugira ngo azakire itsinda ry'abantu iruhande rwe. Mu kumenya abo bantu abo aribo, niringiyeko ari… ko turi muri abo bantu, uyu mugoroba. Niba bitameze bityo, nshuti yanjye, Imana yashyizeho uburyo, icyo bisaba, kugira ngo ube umwe muri bo, niba ubyifuza. Byose biri mu biganza byawe.

Ushobora gukora uko ubishaka. Ariko, kuri ubu, mwitegereze: ni, mu isi izaza... Hari isi izaza.

21 Nkuko bimeze ku kuvuka kwawe, nk'uko nabivugaga: Warateguwe. Imana yari izi ko uzaba uri hano.

None ubu, uzi, n'ibyo ababyeyi bawe bakoze, kandi abantu bibwirako bidahanwa, kuva ku gisekuruza ukajya ku kindi. Ariko birahanwa.

Mu rwandiko rwandikiwe Abaheburayo, ndizerako ari ku gice cya 7, Pawulo aravuga,— ababyanditse — ndizerako ari we, yavugaga ku—ku gikorwa gikomeye cyabaye kuri Aburahamu, ubwo yari yahaye Melekisedeki kimwe mu icumi, ubwo yari atabarutse yatsinze abami. Kandi yavuze ko: “Lewi yari mu rura rwa Aburahamu, igihe yahuye na Melekisedeki, avuye gutsinda abami.” Nuko abyemeza ko “”Lewi nawe yatanze icyacumi, igihe yari mu rura rwa Aburahamu‟, sekuruza.

Kandi ahora abana gukiranirwa kw'ababyeyi ba—babo, ukageza no ku bisekuruza, ku batubaha Ijambo Rye.

22 Ibikwerekeye byose byateganyijwe n'Imana mbere. Hamwe n'Imana nta kibaho ku mpanuka. Izi byose. Byose byateganyijwe mbere, byateganyijwe mbere y'ibisekuruza byinshi, kugira ngo ube uri aha uyu mugoroba. Mwari mubizi? [iteraniro riravuze riti: “Amen”.—umwanditsi]

Mutekereze gato ko mu, mu kanya runaka…ibi ndabisubiramo. Wowe mugihe runaka wari muri so, mu turemangingo twa so. Ariko muri icyo gihe ntiyari akuzi, nawe ntiwari umuzi, muri icyo gihe ntiwari umuzi. Ariko hanyuma, murabona, wabibwe nk'imbuto munda ya nyoko, binyuze mu guhura kwera kw'ishyingiranwa. None wabaye umuntu, kugaragara kwa so, —aho harimo isano.

23 Noneho uburyo bumwe bwo kugira ngo ube umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana, nuko ugomba kuba…ni uko ugomba kugira ubugingo buhoraho. Kandi habaho ishusho imwe gusa y'ubugingo buhoraho, ni ubugingo bw'Imana. Ishusho imwe gusa y'ubugingo buhoraho, ni Imana. Kugira ngo rero, ube umwana w'Imana, bisaba ko uba warahoze muri Yo, kuva na kera. Akaremangingo k'ubuzima bwawe, k'ubuzima bwawe bw'umwuka, uyu mugoroba, kahoze mu Mana, Data, nambere y'uko habaho agace gato cyane k'ikintu icyo ari cyo cyose. Murabona? Ntakindi uricyo kitari ukugaragazwa kw'akaremangingo k'ubuzima, kahoze mu Mana—nk'umwana w'Imana.

Ubu waragaragajwe, igihe Ijambo Rye ryageze muri wowe, kugira ngo umurikire iki gisekuruza. Ugaragaza ubuzima bw'Imana buri muri wowe. Kuko uri umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana. Bityo… Murumva icyo nshaka kuvuga? [iteraniro riravuga riti: “Amen”.—iby'umwanditsi] Murabona? Muri mu… ubu mwahindutse, muri muri iri torero uyu mugoroba, kuko inshingano yanyu, ari kugaragaza Imana muri iki gihugu, ubu bwoko ndetse n'aho mutuye.

Aho uri hose, Imana yari izi ko uzaba uhari, kuko ugomba kuba kamwe mu turemangingo tuyigize, cyangwa kimwe mu biyiranga. Byari ngombwa ko uba utyo. Niba ufite ubugingo buhoraho, ubwo rero bwahoze ari ubugingo buhoraho. N'Imana mbere y'uko habaho n'urufatiro rw'isi, yari ibizi ko uzaba uri aha. Kandi ubwo ijambo, cyangwa amazi, “kozwa n'amazi y'ijambo, ryamanutse kuri wowe, byagaragariye muri kamere. None ubu uri mu busabane na so, Imana, nk'uko bimeze no kuri so wo ku isi. Murabibona? Muri abantu b'umwami, si abantu, ahubwo muri abana, abahungu n'abakobwa b'Imana nzima, niba ubugingo buhoraho buri muri mwe.

24 Niba bimeze bityo, Yesu yari umwuzuro w'ubumana bugaragajwe. Yari umwuzuro w'ubumana mu mubiri. Bityo ubwo yazaga ku isi, nuko agaragazwa mu mubiri, icyo gihe mwari muri we, kuko yari ijambo.

Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo yahoranye n'Imana , kandi Jambo yari Imana.

Kandi Jambo yigize umuntu, abana natwe‟

Jambo yigize umuntu. Bityo, mwagendanye nawe, ubwo mwarimuri we, igihe yari ku isi. Mwababaranye nawe kandi mwapfanye nawe. Mwahambanywe nawe, none ubu mwazukanye nawe, kandi muri imirimo y'Imana igaragajwe, mwicaye mu ijuru, mwazukiye ubuzima bushya, no kwicara mw'ijuru hamwe na Yesu Kristo. Oh, ni iby'ingenzi cyane mu minsi yacu, torero! Ni iby'ingenzi cyane kuri twe, kwibona turi mu mwanya wacu muri Yesu Kristo.

25 Kandi niba turi imirimo y'Imana, ntidushobora kujyanisha ubuzima bwacu n'amahame y'inyigisho.

Ntidushobora kujyanisha ubuzima bwacu n'imigenzo y'amadini. Tugomba kujyanisha ubuzima bwacu n'Ijambo, kuko umugeni ari igice cy'umukwe, nk'uko umugore ari igice cy'umugabo we. Bityo tugomba kuba uwo mugeni-jambo, bivuze iki? Kugaragara kw'iki gihe, umugeni, Atari inyigisho cyangwa idini, ahubwo igikorwa kizima cy'Imana, umurimo w'Imana, tugaragariza isi imirimo y'Imana mu ishusho y'umugeni, ugomba kugaragazwa muri iki gihe turimo none aha.

Maritini Luteri, ntiyashoboraga kugaragaza imirimo nka twe, turayigaragaza kuko byari itangiriro, umuzuko, nk'uruheke rw'ingano rwashyizwe mu butaka.

26 Noneho, tugiye kongera kubivuga. Mugomba kuba mwarasomye cya gitabo cya wa mudage wankobaga, avuga ko ndi umufana nyuma y'abandi bose. Ya … yarwanyaga cyane icyitwa Imana cyose, ndetse yasetse n'Imana. Yaravuze ati: " Imana ishoboye gufungura inyanja itukura maze" aravuga ati " ngo isohore ubwoko bwayo; maze irakomeza yiyicarira aho, amaboko iyapfumbatiye ku nda yayo, ireka( mu gihe cy'umwijima w'icuraburindi) bariya bantu bose baricwa ndetse barababara, bariya bana bato baribwa n'intare".

Murabona, gahunda yo—yose , itorero ryose ryubakiye ku guhishuririrwa Imana. Yesu yaravuze, muri Matayo, ku gice cya 16: " ntabwo ari inyama n'amaraso biguhishuriye ibi, ahubwo ni Data wo mu ijuru ubiguhishuriye". Byari ibiki? Guhishuririrwa uwo yari we. " Kandi kuri urwo rutare nzubaka ho itorero ryanjye, kandi n'amarembo y'ikuzimu ntazarishobora". Murabibona?

Guhishurwa kwa Yesu Kristo muri iki gihe, Atari uwo yari we mu kindi gihe! Uwo yariwe ubu, icyo Bibiliya igaragaza. Ni ugukura, mu mugeni, kugera ageze ku gihagararo gishyitse. Bivuze ko, niba uruheke rw'ingano rwa Kristo rwaraguye mu butaka, itorero na ryo byasabye ko rigwa mu butaka mu gihe cy'umwijima w'icuraburindi. Urubuto rwose rwashyizwe mu butaka rugomba gupfa, bitari ibyo ntirushobora kororoka, kororoka. Kandi iryo torero ryiza, yashinze ku munsi wa pentekote, ubwo yoherezaga Umwuka wera, ryarababajwe rirashyingurwa, mu gihe cy'igisekuruza by'icuraburindi, kugira ngo ryongere kugaragara mu gisekuruza cya Luteri, rikure rigere ku gihagararo gishyitse cy'umugeni wa Yesu Kristo w'iyi minsi iheruka. Murabimona? Nta buryo…

27 Ni ukuvuga ngo, umugeni azagaragara mu izamurwa, kandi ibyo byose byateganyijwe n'Imana mbere, byose byarateganyijwe. Uhereye mu itangiriro, yari izi buri muntu, buri hantu n'umuntu uzaba ahari, ibyo byose yari ibizi. Byose byateguwe mbere. Imana yari izi ko bizabaho. Kandi…kandi ubwo… yabikoze ityo kugira ngo ubwo tuzahagera… yagiye kudutegurira ahacu. Kandi ubwo tuzagera yo, byose bizaba byarateguwe, nk'uyu mugoroba, nawo warateguwe, nkuko iyi saha turimo nyo yateguwe. Yego, kumenya mbere kwayo kuyibwira ibyo byose—mu kumenya mbere.

28 Ibera hose icyarimwe, kuko imenya byose; imenya byose kuko ibera hose icyarimwe. Ni ukuvuga ngo, mu kumenya mbere kwayo…

Ntishobora kumera nk'umuyaga hejuru y'isi, kuko ari inyabuzima. Ibaho, iba ndetse no mu nzu. Iba ahantu hitwa ijuru. Noneho , bitewe no kum.. kuko ibera hose icyarimwe; kuko imenya byose, kuko izi ibintu byose.

Mwebwe, ubu, mwarakuze uhereye igihe mwavukiye, umwanya wavutsemo n'ahantu wagaragaye bwambere muri iyi si. Imana yari izi ko uzaba uri hano, kuri iyi si, kandi mwarakuze kuva mu kuvuka kugeza ku bukure.

Ibintu wabonaga nk'ibidasanzwe igihe wari ukiri umukobwa muto, umuhungu muto, mukiri abana, ubu mubibona nk'ibisanzwe bibaho. Ntiwashoboraga kubisobanukirwa mu bwana bwawe. Ariko ubu nk'uko wabaye mukuru, watangiye gusobanukirwa, kandi ubonako byose byateguwe mu buryo butunganye. Nawe, ubu ubona hari icyo bivuze kuri wowe.

29 Ni nako bimeze ku kuvuka kwawe ko mu mwuka. Ukora ibintu udasobanukiwe, iyo uri umwana muto ukegera ku igicaniro ugaha ubuzima bwawe Kristo. Ugakora ibintu bidasnzwe, ukibaza impamvu wabikoze. Ariko nyuma y'igihe runaka, nyuma yo gukura, igihe umaze kuba umukristo ukuze, noneho ukabasha gusobanukirwa. Murabibona? Hari ikintu runaka kiri hejuru. Ukabona impamvu byari ngombwa ko ubikora. Kuvuka kwawe ko mu mwuka! Kuvuka kwawe ko mu mubire bishushanya, kuvuka kwawe ko mu mwuka.

Ukuntu—ukuntu byari bijyanye neza nawe; uko wagendaga ukura, muri ubu buzima, byose byagendaga byitunganya neza, kuko nicyo waremewe. Byari ibintu bidasanzwe, si byo? Wa mugoroba winjiye ususumira, mu murimo, mu materaniro yo mu ihema, cyangwa mu iteraniro ritoya iruhande rw'inzira ahantu runaka, nuko umubwiriza abwiriza ku kintu runaka, ikibwirizwa runaka, nuko wikubita imbere y'igicaniro? Murabibona? Murabibona? Imana yari ibizi mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Murabibona? Byakugaragariye nk'ibidasanzwe, kubw'iyihe mpamvu, muri uwomwanya, warabikoze. None ubu, warasobanukiwe, wamenye ibyabaye. Ibyo byose bijyanye nawe muri ubu buzima, kandi ni na ko bizamera mu bundi buzima buzaza. Iyi si n'ubuzima bwayo bigaragara nk'ibigenda bitera imbere uko ugenda ukura. Bisa nk'aho bikurana nawe.

30 Sinemera ko—ko hari umuntu n'umwe uri aha kubw'impanuka. Noneho tekereza gato, igihe wazaga ku —ku isi, byose byashyizweho mbere ku bwawe, cyangwa se byaguteguriwe mbere. Ntabwo mbasha gusobanukirwa ukuntu dushobora gutekerezako Imana ibasha kudutegurira ibi bintu byose byiza… ko tudashobora kuyigirira icyizere. Kuko, niba yaratuzanye hano, muri aka kaga turimo ubu, kandi ikaba yaraduteguriye ibintu byiza by'ubuzima hano, ni kangahe dufite impamvu yo kuyigirira icyizere ko izadutegurira ibyo mu gihe kizaza, murabibona, ibintu by'iteka ryose! Nkuko nabivugaga, bigaragara nk'ibidasanzwe.

31 Kandi si—si nizera ko ijuru ari ahantu hameze nk'uko mama yajyaga ahambwira. Ndizera ko itorero ryarenze urwo rwego. Rwo gutekereza, kera, hashize imyaka ijana cyangwa magana abiri, bisa nk'aho abantu ba kera batekerezaga ko abantu bose bapfaga bajyaga mu ijuru, kandi—kandi ko babaga bafite inanga, bicaye hariya hejuru, ku bicu, nuko—nuko bacuranga inanga. Bari bazi ko habaho ahantu hitwa ijuru. Ariko iyo biza kuba bimeze bityo abanyamuziki bose bari kuba hari amahirwe baturusha, murabona. Ariko twe…ariko si -si ahantu hameze hatyo. Si ugucuranga inanga, oya. Si—sinizera ko ari uko Bibiliya ibyigisha. Ariko niyo myumvire bari babifite ho, mbere y'uko umwuzuro w'Ijambo uboneka, cyangwa kubumburwa kw'ibimenyetso birindwi twasezeranyijwe kubw'iki gisekuruza, ari nabyo byaduhesheje gusobanukirwa.

Nizera ko ijuru ari ahantu habaho, nk'uko aha naho ari ahantu habaho, murabona, kuko aha hanntu ari ho Imana yaduhereye intangiriro yo gukura kwacu ko mu mwuka, ahantu tutazaguma iteka ryose, gukomeza kwicara hariya, ku bicu. Ntabwo tuzakomeza gukirigita inanga yacu ibihe byose, kuva ubu n'ibihe byose. Ahubwo turagana ahantu habaho, aho tuzakora ibintu runaka, aho tuzaba. Tuzakora. Tuzanezerwa. Turagana ku bugingo, ku bugingo buhoraho nya bwo. Turagana mu ijuru, muri paradizo. Nk'uko Adamu na Eva bakoraga, babagaho,baryaga, banezezererwaga mu ngobyi ya Eden mbere y'uko icyaha cyinjira, turi mu nzira dusubira yo, ni ukuri, kuhasubira. Adamu wa mbere binyuze mu cyaha yarahadukuye. Adamu wa kabiri binyuriye mu gukiranuka, atugaruye yo ; aradutsindishiriza akatugarura yo.

32 Noneho, mwe mwakira za gasete, ubu butumwa bwo gutsindishirizwa, ndifuza ko mubwakira. Mwakira za gasete, none ndifuza ko n'iyo, ibageraho. Hashize igihe gito mbivuzeho.

Nimurebe ababyeyi banyu bo ku isi: mbere y'uko mugera hano, mbere yo kumenya ko muzaza, bateguye kuza kwanyu. Noneho, mubitekerezeho gato. Ababyeyi banyu bo ku isi. Kandi umubyeyi wo ku isi ashushanya umubyeyi wo mu ijuru. «Niba tuzi guha abana bacu ibyiza, kangahe data wo mu ijuru, azi guha abana be ibyiza ». Ni amagambo ya Yesu. Murabona?

Bateguye kuza kwawe. Bakora uburiri buto, cyangwa se bagiye gushaka, udusogisi duto, n'utwambaro, n'ibindi byose. Bateguye byose kubwo kuza kwawe, byose byateguwe mbere y'uko ugera no ku isi.

33 Yesu yagiye gutegura kuza kwacu hariya. Noneho mwitegereze. ‟ Mu rugo rwa Data hari amazu menshi.” Cyangwa ….

Intego yanjye si ukongera cyangwa kugabanya ikintu runaka ku Ijambo, kuko ntitugomba gukora ibyo. Mu byahishuwe 22, haravuzwe ngo: ‟ umuntu wese uzongera cyangwa akagabanya ho Ijambo”. Ahubwo ndashaka kwerekana ibi, Atari ugushyiraho inyongera, ahubwo kugira—kugira ngo ngaragaze neza ingingo imwe. “Hari ubwoko bwinshi bw'ubuturo mu rugo rwa Data”. Sinizera ko, nitugera mu ijuru, ko neza neza tuzaba dusa nk'uko dusa ubu. Si—si nizera ko abagore bose bazaba bafite imisatsi y'umweru, cyangwa bafite uruhu rw'inzobe, cyangwa se bafite urubavu ruto, cyangwa—cyangwa niba bose bazaba ari banini, cyangwa—cyangwa niba bazaba ari ibihangange.

Nizera ko Imana ari Imana y'urunyuranyurane. Iyi si irabihamya. Yayishyizeho imisozi miremire n'imigufi. Yayishyizeho ibibaya. Yayishyizeho ubutayu. Yayishyizeho ibintu bitandukanye, kuko yayiremye nk'uko ibishaka. Kandi yashyizeho ibihe: iki, igihe cy'ubukonje, urugaryi, umuhindo. yaremye ibihe. Bigaragaza ko ari Imana y'urunyuranyurane. Yabaremye mu buryo butandukanye. Abantu bamwe ni abirasi; abandi ni abakomera ku mahame cyane; abandi ni abantu beza ; abandi ni abagwaneza. Tuhasanga ubwoko bwose bw'abantu, ndetse, no mu bwami bwayo.

Murabona?

34 Nimurebe mutagatifu Petero, maze mumugereranye na Andereya. Murabona ? Andereya ni wa musirikare w'amasengesho wahoraga iteka ari ku mavi. Naho intumwa Petero we, yari wamuntu ukunda kubwiriza mu muriro mwinshi, n'ibindi nk'ibyo. Naho, Pawulo, we, yari umuntu w'intiti, ikindi…nk'umuhanuzi, cyangwa ibindi nk'ibyo, yakundaga kw'izigama.

Kandi, murabona, Mose yanditse ibitabo bine bya mbere byo mu Isezerano rya Kera. Mu by'ukuri yanditse Isezerano rya Kera; ibisigaye byari amategeko, abami, zaburi, n'ibindi, n'ibyo umuntu yanditse ku bahanuzi. Ariko Mose yanditse amategeko, ibitabo bine bya mbere bya Bibiliya: Itangiriro, Kuva,

Abalewi no Kutegeka kwa kabiri.

Na Pawulo, we yanditse isezerano rishya. Ni ukuri. Matayo, Mariko, Luka na Yohana banditse ibyabaye, n'ibindi byose. Ariko Pawulo we yagaragaje itandukaniro riri hagati yo kwizera n'ubuntu, nuko abishyira mu mwanya wabyo. Murabibona? Ni we wanfitse isezerano rishya, yaduhaye ibyanditswe by'isezerano rishya, yashyize ijambo ry'Imana kuri gahunda.

Moneho mwitegereze, bwinshi, " Ubuturo bwinshi", amoko menshi y'ubuturo.

35 Ni nk'amoko menshi y'udusozi, nk'amoko menshi y'imigezi, amasoko, ibiyaga. Byari byaramaze kugera hano ubwo mwazaga, kuko ubugwaneza bwa So wo mu ijuru bwabishyizeho. Bityo, abantu bamwe bakunda imisozi. Abantu bamwe bakunda ibyanya by'amazi. Bamwe bakunda ubutayu. Urabona kuza kwawe—yari izi kamere yawe n'icyo uzaba cyo, nuko ibikora neza neza kuburyo uzabiboneramo ibyishimo. Yoo! Nsanze ari Data w'igitangaza, murabona, iyo tuzi ko ari uko yagenje ibintu. Ndanezerewe ko yaremye imisozi. Njye nku—nkunda imisozi. Nda ...kandi ndabikunda. Mu gihe abandi, bo: "Yoo, nanga… Yoo, igomba kuba yarahasutse ibyari mu gatebo kayo byose." Yasutse byose yari ifite, kugira ngo mbashe kuhabonera umunezero. Murabona? Wenda uzavuga uti: "njye, nkunda ibibaya, aho nshobora kureba kure." Noneho, dore kamere ebyiri zitandukanye, kandi turi abakristo twembi.

Ariko Data yari azi ko uzaba uri hano, kandi yaguteguriye byose mbere y'uko uhagera. Amena. Ukigera hano bwa mbere, ubwo wageraga aha, kandi yaguteguriye byose mbere y'uko ugera aha. Amena. Ku kuza kwawe kwa mbere hano, ubwo wazaga yari yaraguteguriye ibintu byose. Ese si byiza gutekereza ku byo yakoze?

36 Ni byiza, ariko mwibuke, hariya, biriya byose ni iby'igihe gito gusa, ni ibigereranyo. "Kandi tuzi yuko igihe Mose yubatse ingando mu butayu, cyangwa uko yayiteguye, yavuzeko byose yabikoze agendeye kuri gahunda y'ibyo yabonye mu ijuru." Murabona? Ni ukuvuga ngo, ibyo mu isi bigaragaza ibyo mu iteka. Kandi niba iyi si tubamo uyu munsi ari nziza, kandi tukaba tuyikunda cyane—dukunda kuyibamo, guhumeka umwuka wayo, kureba idabyo n'ibindi, ni—niba biriya, niba ibi ari ibigereranyo, igipfa kigaragaza ik'iteka ryose. Iyo ubonye igiti kirwana, gifatiriza, kigerageza kubaho, bishatse kuvuga ko hariho igiti ahantu runaka kidakeneye gukora ibyo.

Iyo ubonye umuntu hano uhirimbana ngo abashe kubaho, umuntu uri mu bitaro, cyangwa uri ku gitanda cy'uburwayi, cyangwa uwakoze impanuka, agerageza kubaho, atakishwa no kunigwa n'urupfu, ari gupfa, arira, ataka, kuko ashaka kubaho, bishatse kuvuga iki? Ko hariho ahantu runaka, ko hariho umubiri utagoka kandi ntutakishwe n'imibabaro.

Noneho, ibi bintu, ni impano z'igihe gito twahawe, kandi bigaragaza ko ahantu runaka hariyo Uwiteka. Ibyo nibyo Yesu yagiye kudutegurira: ni Uwiteka. Ntakindi bikora kitari ukugaragaza ko hari ikindi bihuje ubwoko, ariko kibisumba, kuko bihuje ubwoko.

37 Noneho, mwibuke, Bibiliya iravuga iti: " iri hema dutuyemo hano mu isi niririmbuka, rigasenyuka, dufite irindi ridutegereje."

Nk'uko bigenda ku mwana w'uruhinja, imikaya ye, mu nda ya nyina, iriyegeranya kandi ikisobeka. Kandi, ariko…murabona? Kandi murabona ko, umugore, nubwo yaba ari umuntu mubi cyane, ariko iyo ahindutse umubyeyi, mbere ho gato y'uko abyara, uwo mugore azaba umuntu utuje cyane. Mwegere, hari ikintu iteka uzabona, aba ari umugwaneza. Kubera iki? Nuko hari umwuka muto w'akamarayika utegereje kwakira uwo mubiri wa kamere. Akimara kuvuka, umwuka w'ubugingo uhita winjira muri we. Imana iwumuhumekeramo, agahinduka ubugingo buzima. Ni ukuvuga ngo, iyo umwana akivuka, umubiri w'umwuka uba uhari ngo umwakire. Noneho uyu mubiri iyo umanutse mu gitaka, nk'uko—hano umwana amanuka, nabwo—ni nako hari umubiri udapfa uba utegereje, kugira ngo wakire umwuka muri wo. Yoo! mbega ukuntu bihambaye! Ubu turi—turi muri Yesu Kristo (Amina!), abana b'impinja, abana bato muri Kristo, abana b'Imana, dutegereje kubohorwa kuzuye ubwo Umwami wacu Yesu azaza,…azatujyana. Igihe umubiri, uyu mubiri upfa , uzambikwa ukudapfa.

38 Ishusho, ibi bintu byose yakoze bigaragaza ibintu bizaba, kimwe n'umubiri aguha hano, kimwe n'uyu mubiri yaguhaye kugira ngo uwuturemo, ugaragaza ko hariho nanone undi ufite ubwiza burushijeho, ugomba kuzaza. Murabona? " Niba twambaye, cyangwa niba twarambaye ishusho yo ku isi, tuzambara n'ishusho yo mu ijuru" kandi nta kibi na kimwe kirangwa kuri uwo mubiri ugomba kuza. Naho, muri uyu, harimo ikibi, harimo indwara, urupfu, agahinda. Ni byo nagaragaje mu gihe gito gishize, (ubwo nabwirizaga ku Iihindurwa ry'Ijambo ry'Imana), ko—ko uyu mubiri urimo ikibi.

Kandi iri terambere rigezweho tubamo ni irya Satani. Ntimubyizera ? Bibiliya irabnivuga ; iyi si, ubutegetsi bwose. Ntidushaka kubyizera. Ariko Bibiliya ibivuga neza cyane, ko ubutegetsi bwose, ubwami bwose bwo mu isi ari ibya Satani kandi bitegekwa na Satani. Satani yajyanye Yesu hejuru, nuko amwereka ubwami bwose bwo mu isi, abari barabayeho, abari kuzabaho, n'ibindi. Nuko Satani avugako ari abe, kandi Yesu ntiyamuhakanyije, kuko, koko ari we mana y'iyi si. Murabona ? nuko aravuga ati : «

byose ndabiguha, niwikubita hasi ukandamya. » Murabona ?

Yashakaga kubisubiza Yesu hatabayeho igitambo. Murabona? Yashakaga ko bagirana amasezerano.

Ariko isi yari yaracumuye. Kandi igihano cy'icyaha, cyari urupfu, kandi byari ngombwa ko apfa. Iyo niyo mpamvu Imana yigaragaye mu mubiri, kugira ngo ibashe kwishyiraho urupfu, bityo ibashe kurangiza icyo gihano. Ntacyo tukibazwa. Ntabwo byabitswe ahantu. Byarishyuwe byose, ku buntu. Ideni ryose ryarishyuwe. Noneho byose ni Ibye. Kandi turi ibisonga by'ubwami Bwe, duteraniye hano uyu mugoroba mu izina rya Yesu Kristo Umwami wacu, wicaye mu ijuru.

39 Noneho, muri iyi si tubamo, ubumenyi—ngiye kubibereka, — ubumenyi, ubushakashatsi, iterambere n'ibi bintu byose dusa nk'aho dushima cyane uyu munsi ni ibya Satani kandi bizarimbuka. Uravuga uti: “mwene Data Branham, iterambere?” Yego mugabo. Iri terabere ryazanywe na Satani. Itangiriro 4 harabigaragaza. Ni umwana wa Kayini, murabona, niwe watangije iri terambere, yubaka imigi, inyubako nziza n'ibindi. Iterambere ryazanywe n'ubumenyi. Ubumenyi ni bwo Satani yagurishije kuri Eva mu ngobyi ya Eden. Ni bwo bwamuzitiye, bimutera gucumura ku itegeko ry'Imana. Ni ukuvuga ngo, mu isi tujyamo, hazabaho iterambere, ariko ntabwo rizaba ari iterambere nk'iri turimo, kuko muri iri terambere, dufite indwara, agahinda, irari, urupfu; byose muri iri teramberere biragana ku iherezo. Ariko muri ririya terambere rindi, nta nakimwe muri ibi kizaba gihari. Ntituzaba dukeneye ubumenyi. Ndetse ubumenyi ni ugucurika iby'umwimerere. Murabona? Ufata agace gato k'ikinyabutabire, ukagahindura, ushaka guturitsa uduce tukagize. Ugafata ubumara bw'igisasu, ukarasa ku kintu runaka, kugira ngo ugire icyo wica. Ugafata imodoka. Ugacukura lisansi mu butaka, ibinyabutabire byo mu butaka, ukabyegeranya ngo ubashe kubituritsa. Hanyuma ugatwara imodoka ku muvuduko w'ibirometero ijana na mirongo itanu mu isaha, nuko ukica umuntu. Murabona? Yoo, wataye umutwe, ufite ubwira, urihuta, ugomba kwihuta, ukanyura kubandi. Yoo! Murabona? Ibi byose ni ibya Satani. Mu bwami bw'Imana, nta modoka zizahaba, indege, cyangwa ibikorwa by'ubushakashatsi. Oya! Nta kintu icyo aricyo cyose kijyanye n'ubumenyi kizahaba. Hazaba hari ubumenyi burenze ubu cyane, kuburyo tutazongera no gutekereza kuri ubu. Murabona? Ubumenyi, iterambere n'ibyo byose, bituruka kwa Satani.

Noneho, urambwira uti: “Mwene Data Branham, kuki se noneho usoma?”

40 Murabona? Ni nko kumbaza impamvu nambaye imyambaro. Mu iterambere rigiye kuzaza, ari naryo ryahozeho mu itangiriro, ntibakeneraga imyambaro. Bari batwikiriye. Nta mpamvu n'imwe bari bafite yo kwambara imyabaro, kuko batari bazi ko bambaye ubusa. Ubu…mu ubu, biragaragara ko muri iyi saha, kuba tuzi ko tu—tu—tu—twambaye ubusa kandi ko icyaha gituye hano, ubwo rero tugomba kwambara imyambaro. Ariko siko byahoze mu itangiriro; nta cyaha cyabagaho. Murabona ?

Kandi, ni nako bimeze ku bijyanye n'iterambere, neza neza. Turasoma. Turandika. Dukora ibi bintu. Ariko ntimukisanishe nabyo. Ntimukabigire imana yanyu, kuko ibi ni imana y'abakomunisite. Murabona ? Ntabwo bikomoka kuri Yesu Kristo.

41 Yesu Kristo yakirwa mu kwizera ; atari mu by'ubuhanga ushobora kugaragaza, ahubwo mu byo wizera. Uyu mugoroba, muri iyi nyubako, sinshobora kubagaragariza mu buryo bwa gihanga ko Imana ibaho, ariko, nyamara, nzi ko Iri hano. Ariko ni ukwizera kwanjye kubihamiriza.

Aburahamu ntiyari kubasha gusobanura mu buryo, bwa siyansi ukuntu yari kubyara umwana kuri uriya mugore, mugihe yari afite imyaka hafi ijana. Ariko ukwizera kwe kwarabihamirije. Murabona ? Ntiyari akeneye ibihamya bya siyansi. Noneho,…umuganga yashobora kuvuga ati : « uyu musaza yarasaze, abwira abantu baturanye nawe ko azabyara umwana kuri uriya mugore ; afite imyaka ijana, naho we afite mirongo icyenda. » Ariko, murabona, Imana yari yarabivuze, ntabwo siyansi yari ikenewe. Dukeneye kwizera kugira ngo twizere Ijambo ry'Imana, si ubushakashatsi.

42 Ni ukuvuga ko, amashuri yacu n'ibindi, ni ugutandukira. Mu by'ukuri, Imana ntiyigeze ivuga iti : « Mugende, mwubake amashuri » cyangwa se iti: « Mugire amashuri yigisha Bibiliya ». Ese mwari mubizi [iteraniro riti: « Amen. » —umwanditsi ] yaravuze iti : « mubwirize Ijambo. » Ibyo ni ukuri. Gahunda zacu z'imyigire zarushijeho kutujyana kure y'Imana, kurusha ibindi byose nzi, ni ukuri, byatujyanye kure y'Imana kurushaho. Si ukubaka amashuri, ibitaro, n'ibindi ; ibi, byari iby'isi na ka gatsiko. Ariko simbirwanya, bifite umumaro wabyo, ariko ntabwo bikenerwa buri gihe.

Ushobora kubaka ibitaro byiza cyane bishoboka, ukabikoreramo ubuvuzi bwiza, ibihumbi by'abantu bikajya bihapfira buri munsi. Ariko, Yoo ! Mu bwami bw'Imana, nta rupfu ruhaba, nta gahinda kabayo. Amen. Ntabwo hakenewe ibi bintu by'isi. Ahubwo hariya tuba twarenze ibi byose twinjiye mu mibereho nyayo y'Imana ; mugihe turi gushyiramo imbaraga nyinshi, mubya siyansi, tugerageza kuvumbura. Kandi uko turushaho gutera imbere muri siyansi, tuba twikururira urupfu hafi yacu. Turarwana urugamba rwaneshejwe kera, none rero mubireke. Kandi, kubwo kwizera, mwizere Yesu Kristo, Umwana w'Imana, uyu mugoroba, maze mumwakire, We, ni We ukenewe.

Ni iki siyansi idutegurira ? Urundi rupfu. Ni ukuri. Ibisasu, n'ibindi byose biraswa, n'ibyo bintu byose,

kugira ngo bakwirakwize urupfu, mu isi yose. Ntimukarebe kuri ibyo. Mwuburire amaso mu ijuru. Murebe aho Yesu yicaye « i buryo bw'Imana », uyu mugoroba, "aracyari muzima, atwingingira ashingiye ku kwatura kwacu", ni ukuvuga ko twizeye ko Ijambo Rye ari Ukuri.

43 Kandi tubona ko, muri ubu buzima, burimo ikibi mu ngeri zose ; ariko mu bundi buzima buzaza nta kibi kizaba yo.

Ubu buzima burimo irari, n'indwara, urupfu. Kuko, kubera iki? Ntabwo ariyo nzu yagiye kudutegurira. Iyi ni inzu y'ibyago. Ni bangahe bazi inzu y'ibyago icyo ari cyo? [ iteraniro riti: " amen."— Umwanditsi ] ni byo. Aho rero niho muba.

Inzu y'ibyago kera yari inzu bashyiragamo abantu babaga barwaye. Ni byo neza neza icyaha cyadukoreye: yadushyize mu nzu y'ibyago by'isi.

Mu...ntabwo bashoboraga kwemerera undi muntu kwinjira mu nzu y'ibyago, kuko habaga harimo ubwoko bwose bw'udukoko dutera indwara, kandi abantu bashoboraga kwandura, maze nabo bakarwara. Icyaha nacyo cyadushyize mu nzu y'ibyago ya Satani.

44 Yoo, ariko indi yo yitwa inzu ya Data " urugo rwa Data". "Ngiye kubategurira ahantu hanyu, nzabakura muri iyo nzu y'ibyago, maze mbajyane mu rugo rwa Data". Amina. Ni uko; kubakura muri iyi nzu ishaje y'ibyago by'isi. Yagiye gutegura ahantu, ahantu hatunganye, ahataba ikibi, ahataba indwara, ahataba ubusaza, ahataba urupfu.

Ni ahantu hatunganye, hakurarikira kugira ubwo butungane nawe, kandi biragusaba gutungana kugira ngo ubashe kujya yo. Niko Bibiliya ivuga. Yesu yaravuze ati: " mube abera, nk'uko na So wo mu ijuru ari Uwera". Ni ubwami butunganye, ni ukuvuga ko, n'ubwoko bwinjiramo bugomba kuba butunganye. Bityo, mugomba kubayo , mugashyingiranwa n'Umwana w'Imana utunganye. Bityo mugomba kuba umugeni utunganye. Nigute rero, muzahagera atiri hamwe n'Ijambo ry'Imana ritunganye, ni ukuvuga, "amazi yo kudutandukanya, akanatwoza ibyaha"? Amen. Ni ukuri. Amaraso ya Yesu Kristo, mubitekerezeho gato, ijambo ry'amaraso, atemba nk'isoko. Amen. Amaraso, Ijambo ry'Imana ritemba, kugira ngo ryuhagire umugeni muri ayo maraso. Amen. Yego mugabo. Riratunganye, riracyari isugi, rirera. Ntanubwo ryigeze rikora icyaha. Amen. Ryafatiwe mu mutego. Murabona? Dore urugo rwa Data, yagiye gutegura.

45 Iyi yo yaje inyuriye mu gitsina, kubera kugwa, kandi igomba kugwa no kurimbukana. Twari dukwiye kudatinda muri iki kintu gishaje, kizagwa uko byagenda kose. Cyarangiritse, kuko cyaciriweho iteka, kuko Imana yarabivuze. Kuri yo, byararangiye. Imana izayisenya. Yarabivuze. Ibintu bizahindurwa bishya byose. Murabyizeye? [iteraniro riravuga riti: "Amen".—umwanditsi]

Mu itangiriro, isi ivuka, igihe Imana yakuraga amazi ku butaka, —nk'uko yabigenje ku mabere y'umubyeyi, —isi iravuka. Yego. Nuko abantu batangira kuyibamo, nyuma y'uko Imana iyibashyizemo. Nuko batangira gukora ibyaha. Nuko irabatizwa, ibatirishijwe umwuzure, mu ghe cya Nowa. Hanyuma, yezwa n'amaraso y'Umuremyi yayitembyeho.

None ubu, ni muri ubwoburyo mwaje : binyuriye mu kubarwaho gukiranuka, mu kwizera Imana. Wabatijwe kugira ngo ubabarirwe ibyaha byawe. Wihannye ibyaha byawe imbere y'Imana, kandi Yarakubabariye kubera ibyo. Kandi warabatijwe kugira ngo werekane ko wababariwe, uhamiriza kandi wereka abantu ko Yesu Kirisito yagupfiriye, ko Yagiye mu mwanya wawe, kandi ko ubu uri mu mwanya We. Yabaye wowe, kugira ngo nawe ube We. Rero, imbaraga zeza z'Imana zaguhanaguyeho imico yose y'ubuzima bwawe. Ufite ingeso zo kunywa itabi, zo kunywa inzoca, zo gukora ibintu bitagenda, zo kubeshya, n'ibindi nk'ibyo. Rero, imbaraga zeza za Yesu Kirirsito ziza mu buzima bwawe; zikagukuraho ibintu byose. Uramutse ukoze ikintu kibi, wihutira kuvuga uti: "Buretse akanya gato; mbabarira, sinashakaga kubivuga ntyo! Satani yashyize umutego hariya, ariko ufite ubuntu bwo kugaruka, niba uri umukirisito, vuga uti: mfite amafuti. Yego! Bityo rero...

46 Ubu, iki kintu mwakiriye, ni umubatizo w'Umwuka Wera n'Umuriro

Kandi, Imana, igihe ubu bwami bw'imyaka igihumbi buzaba burangiye, Imana izabatirisha isi umubatizo w'umuriro. Byose bizaturika. " ijuru n'isi bizashya." Niko Petero yavuze. Iyi si izakira umubatizo w'umuriro, izahindurwa yose. Nuko, hazabaho ijuru rishya n'isi nshya. Aho niho hazaba gukiranuka.

Dore, aho tugeze. Twe twari ibiremwa bipfa, ibiremwa by'igihe gito, twahindutse ibiremwa by'iteka ryose. Igihe Ijambo ry'Imana ryamurikiye ubugingo bwacu, nuko duhinduka abahungu n'abakobwa b'Imana, hamwe n'imirimo n'imbuto y'Imana muri twe, aribyo byatugize abahungu n'abakobwa ba Data, Imana iri mu ijuru, maze turarangurura tuti: "Abba! Data! Mana yanjye! Mana yanjye !—mu nzu ya Data..."

47 Ni ukuvuga ko, iyi si ishaje igomba kurimbuka, kuko yaje binyuriye mu nzira z'igitsina. Ikomoka ku kutumvira, mu itangiriro. Kandi twavukiye aha, binyuze mu gitsina, bitewe no kugwa; kandi igomba kugana ku kurimbuka kwayo. Ariko iyo ari kubategurira ubu, yo ntabwo ishobora kugwa, kuko ni cyo

yayiremeye. “ ngiye...

Ese byari kugenda bite, iyo tuza kuba tugomba kuguma muri uyu mubiri? Ese ntimunejejwe n'uko urupfu ruriho? [iteraniro riti: “Amen.”—umwanditsi] nti bisanzwe, sibyo? Ariko, reka tuvuge, urugero...

Hashize imyaka, ubwo nari nkiri umuhungu muto, none ubu ndi umugabo ukuze. Mfite inshuti yicayaye hariya, M. Dauch, hashize iminsi mike yujuje imyaka mirongo icyenda n'itatu. Mumwitegereze, mu myaka ye mirongo ine, cyangwa mirongo ine n'itanu, yari kuba ameze nka njye. Noneho, mumwongerereho indi myaka mirongo ine. Waba uri kugana he? Byonyine...

48 Ndanezerewe, kuko hari ikintu cyo kudukura muri iyi nzu y'ibyago. Hari umuryango ukinguye, kandi witwa urupfu. Yesu ahagaze kuri uwo muryango. Amen. Azanyobora, kugira ngo nambuke uruzi. Azantambutsa uwo muryango. Hari umuryango mugari, hariya, witwa urupfu. Kandi buri nshuro imwe umutima wawe uteye, irahakwegereza. Kandi umunsi umwe, bizaba ngombwa ko ngera kuri uwo muryango. Namwe, bizabasaba kuhagera. Ariko, nimpagera, sinshaka kuba ikigwari. Sinshaka kuzataka maze ngasubira inyuma. Ndashaka kuzagera kuri uwo muryango, nambaye gukiranuka kwe — atari ukwanjye, ahubwo ukwe.

Ni cyo kimenyesha ko “ muzi mu mbaraga ze z'umuzuko”. Maze, ubwo azahamagara, nzasohoka mu bapfuye, kugira ngo mbane nawe, mvuye muri iyi nzu y'ibyago. Aho uyu mubiri uzagwa hose, aho azamanukira hose, uko bizamera kose, nzasohokamo, umunsi umwe, kuko yabinsezeranije. Kandi turabyizeye. Yego mugabo. Ari gutegura undi udashobora kugwa.

49 Mwitegereze umubyeyi, utegereje umwana, ku isi uyu munsi, murebe ukuntu umubiri w'uwo mubyeyi ugaragaza gukenera ibintu runaka, ukabisaba. Ndabwira, ndacyeka kandi ndizera ko, abantu bakuru bose babasha babyumva. Umubyeyi, mu ivuka ry'umwana, iyo hari ikintu runaka kibura mu mubiri we, atangira kugaragaza ko akeneye ibintu runaka, akabisaba. Mwitegereze uburyo umubyeyi w'umugabo...

Ndibuka, twarerewe mu muryango muby'ukuri ukennye cyane, kandi—kandi tukiri ingimbi nta cyo twagiraga cyo kurya. Muri mwe, benshi mwahuye n'ibintu nk'ibyo.

Ni ukuvuga, kubona ko mbere y'uko impinja zivuka, umubyeyi agaragaza gukenera ikintu runaka, akagisaba. Kandi papa yakoraga uko ashoboye akakimubonera. Murabona? Yabaga ari umubiri we, ukenye imyunyu, nka karisiyumu, intungamubiri nka vitamin n'ibindi. Umwana aba ari kwirema, murabona, nuko rero agakenera ibintu runaka - ibyokurya bigomba gutunga uwo mwana. No kubona imbaraga z'ababyeyi kugira ngo babashe kubona ibyo bintu, kugira ngo umwana abashe kuvuka atunganye kandi yishimye mu buryo bwose bushoboka. Murabona, ababyeyi banyu baba biteguye kubikora? Iyo hakenewe ikintu runaka, umubyeyi arabigaragaza, murabona, umubiri we niko uremye. Murabyumva? [ iteraniro riti: “Amen.”—umwanditsi ] iyo hari ikintu runaka gikenewe, kubw'umwana wenda kuvuka, u—umubyeyi atangira kugisaba.

50 Noneho, muhagarare akanya gato. Kuki dukora ibiterane by'ububyutse? Kuki duterana? Kuki mpora ncyaha abantu? Kuki mbasaba mwebwe , abagore b'abapantekote, “ kureka kwisiga amarangi, kwisiga, kogosha imisatsi yanyu, n'ibindi bintu nk'ibyo?” Kuki mvuga ibi. Kuko kuva kera, atariko pentekote yabigenzaga. Uburyo nyakuri bwa Bibiliya, ni ukudakora ibyo bintu. Mwe mwambara amakabutura n'imyambaro y'abagabo, muzi ko Bibiliya ivuga ko ari ikizira, ku Mana? [ iteraniro riti: “Amen.”—umwanditsi ] Ariko twe turabyemera. Kuki Umwuka Wera ahora buri kanya ataka? Azi ko hari ikintu kikibura. Birakwiye ko tugera ku gihagararo gishyitse cya Yesu. Dukwiriye kuba abahungu n'abakobwa b'Imana. Dukwiriye kwitwara nk'abana b'Imana.

51 Hashize igihe kirekire, ubwo bavugaga agakuru. Hari mwene Data wirabura wicaye inyuma. Mu majyepfo, kera bagurishaga abacakara. Ni kera mugihe hari hakiriyo abacakara, mu gihe cy'ubucakara, mbere yo gutangazwa k'ubwigenge. Abantu barahacaga bakababagura, bakagura abo bantu, nk'uko bigenda ku mucuruzi w'imodoka zakoreshejwe. Bandikaga amasezerano y'ubugure, maze bakagurisha abo bantu, nk'aho babaga ari imodoka zakoze. Umuguzi yakwerekaga amasezerano y'ubugure iyo wabigiragaho ikibazo.

52 Umunsi umwe umuguzi yaratambukaga, umucuruzi. Kandi yajyaga...

Yatambagiraga ibikingi bye binini, ashaka kugura abacakara. Nuko agera ku murima munini cyane, ahari harimo abacakara benshi, nuko ashaka kumenya umubare wabo. Bose bari aho hanze, bakora. Kandi bari bafite akababaro. Bari kure y'iwabo. Bakomokaga muri Afurika. Bari barabazanye hano. Aba Boweri bari barabazanye ino, nuko babagurisha nk'abacakara, kandi bari bafite agahinda. Bari bazi ko batari kuzongera gusubira iwabo ukundi. Ko bari kuzamara ubuzima bwabo bwose muri iki gihugu bakanahapfira. Kandi bagiraga, akenshi, babaga bafite inkoni bababakubita. Babaga nabo ari umutungo wa nyirabo, nuko rero bakababakoresha icyo bashaka. Kandi ba...barabicaga, ku mpamvu iyo ari yo yose, barabikoraga. Ubwo ni bwo bucakara, nk'ubwo Isirayeri yabayemo, cyangwa nk'ibindi bihugu nabyo byajyanywe mu bucakara. Nuko bakigarurira abo bacakara b'imbabare. Ntakindi bakoraga usibye gukora. Barariraga,

murazi, igihe cyose, kandi babaga bafite agahinda.

53 Ariko baza kubona umwe mu bacakara, umusore wari ufite ibigango kandi wagendaga yemye, atya. We ntibigeraga bamukubita. We, ntibigeraga bamubwira ibyo agomba gikora. Nuko uwo mucuruzi aravuga ati: “ ndashaka kugura uriya mucakara.”

Aravuga ati: “ ntabwo agurishwa.”

Aravuga ati: “ niwe nifuza kugura.”

Aravuga ati: “ oya ntabwo agurishwa.”

Aravuga ati: “ Ese yaba ariwe mutware w'abandi bose?”

Aravuga ati: “ oya.” Aravuga ati: “ si umutware. Ni umucakara.''

Aravuga ati : « birashoboka ko umuha ibyo kurya bitandukanye n'ibyo uha abandi. »

Aravuga ati : « Oya. Bose barira hamwe, hariya muri kantine. »

Aravuga ati : « ni iki gituma uyu musore aba atandukanye n'abandi ? »

Aravuga ati : «Dore, nanjye namaze igihe nibaza icyo kibazo. Ariko uriya musore, nubwo ari umunyamahanga, waturutse muri Afurika, hariya muri Afurika, se ni umwami w'ubwoko bwabo. Nubwo rero, ari umunyamahanga, nubwo ari kure y'iwabo, yitwara nk'umwana w'umwami. Azi ko hariya, kure, mu gihugu cya kure, se ari umwami w'ubwoko. Nuko rero, yitwara neza, kuko azi ko ari umwana w'umwami.»

54 Yoo, mwene Data, mushiki wanjye, njye nawe, muri iyi si turimo, twitware nk'abahungu n'abakobwa b'Imana. Turi abanyamahanga hano, ahubwo imyitwarire yacu, ikwiriye kuba ijyanye n'amategeko y'Imana, kuko turi abakobwa n'abahungu b'Imana. Imyitwarire yacu, twagakwiye kwitwara no gukora, n'ibindi, mu buryo bujyanye n'amateheko Imana yashyizeho. «Kandi ni ikizira ko umugore yambara umwambaro w'abagabo.» Ni bibi kandi ni icyaha « kogosha imisatsi ye, » Bibiliya irabivuga, « ntanubwo bikwiriye ko asenga »

Ushobora kuvuga uti : « ibyo se kandi ni ibiki?»

55 Umuntu umwe yanyigirijeho, —umuvugabutumwa—ntagihe kinini gishize bibaye. Aravuga ati : Mwene Data Branham ngwino. Ndashaka kukurambikaho ibiganza.» Aravuga ati : «ugiye gusenya umurimo wawe. »

Ndavuga nti : « gute ? »

Aravuga ati : “ bitewe no gucyaha abantu, gutyo.”

Ndavuga nti: “ ibyo mvuga, ni… ''

Aravuga ati : « ndabyizera.» Aravuga ati : « nanjye ndi umupentekote. Nizera ko abagore badakwiriye kugira imisatsi migufi, ko badakwiriye kwisiga amarangi y'uburanga, ko badakwiriye ndetse gukora nk'uko babigenza, kwisiga.» Aravuga ati : « ntibari bakwiriye kubikora.» Ariko aravuga ati: « Imana yaguhamagariye gusengera abarwayi »

Ndavuga nti : «yampamagariye kubwiriza ubutumwa bwiza.» Yego. Nuko aravuga ati : “ibyo ndabyizera. Ariko”, aravuga ati: “ ibyo nibyo utekereza?”

Ndavuga nti: “ Yego. Reba ibyo mufite, izo gahunda zikomeye, ibiganiro kuri za televiziyo, n'ibindi.

Njye ntawundi ngomba ibisobanuro usibye Imana. Ni byo. Ndavuga nti: “ ntawe ngomba ibisobanuro usibye Imana.”

Aravuga ati: “ nda—nda—nda… ugiye gusenya umurimo wawe.”

Ndavuga nti: “ umurimo wose Ijambo ry'Imana rishobora gusenya, ukwiriye n'ubundi gusenyuka.” Ni ukuri. Ni byo.

Aravuga ati: “ ubwo rero, ugiye kuwusenya.”

56 Ndavuga nti: “none, ninde uzabivuga? Murabona? Ni ngombwa ko hagira ubivuga. Birakwiye ko haba uhagarara ku kuri, nubwo yaba agira abo ababaza. ”

Kandi, ncuti zanjye, twe abakristo, twe abizeye ko tujya mu ijuru, Umwuka wera ubwe, azaduha gusa n'Ijambo ry'Imana.

Aravuga ati : « uzi icyo wari ukwiriye gukora ? » Aravuga ati : « abantu bizera ko uri umuhanuzi. »

Aravuga ati : « wari ukwiriye kwigisha bariya bagore uko bakwakira impano z'ubuhanuzi n'ibindi nk'ibyo, ibintu bihanitse, aho kuvuga utuntu duto nk'utwo. »

Ndavuga nti : « ni gute, nzabasha kubigisha, amahurizo, niba badashaka no kwiga a b c ? Mugihe badashaka no gukora iby'ibanze, murabona, ibya kamere, ni gute se wababwira ibintu bihanitse ? » Niba mutanashaka gutangirira ku… Murashaka kugera ku mpera y'ingazi mugihe mutaranashyira ikirenge ku rwego rwa mbere. Niyo mpamvu mugwa. Murabona?

Mutangirire hasi noneho mugende mwurira, uko Imana irushaho kubazamura hejuru. Murabona ? Mutunganye ubuzima bwanyu, kandi mwisanishe muri byose n'Ijambo Imana yabatoranyirije ngo murisohoze.

57 Noneho, mutekereze ukuntu Imana…dukwiriye kwitwara no gukora nk'abakristo. Imyitwarire yacu igomba kuba iy'abakristo. Kuko aha turi abanyamahanga. Aha, si ubuturo bwacu. Oya. Twashyizwe hano, gusa by'igihe gito. Tugomba kuzagenda, buri wese muri twe, uyu mugoroba.

Noneho mubitekerezeho. Niba Imana mu mbabazi zayo, ikora ku buryo umubyeyi—mbere y'uko uruhinja ruvuka, asaba intungamubiri zimwe aba akeneye, maze amagambo y'umubyeyi akabigaragaza : ‟ papa, nda—nda—ndashaka iki niki. Ndashaka ikintu runaka.” Nta…noneho, azakora uko ashoboyre kose ngo abimubonere, kuko yifuza cyane ko umwana we avuka atunganye neza mu buryo bwose bushoboka. Murabona? Bityo, azakora ibiri mu bushobozi bwe byose kugira ngo abimubonere.

Ese abifite mu bubasha Bwe ibingana iki, kubitubonera! We Umuremyi. Noneho mutekereze ukuntu biri mu bushobozi Bwe, kudutegurira umubiri wo kubamo, umubiri usa n'uwe wambaye ubwiza. Niba dushaka kubaho. Hari ikintu muri twe gisaba, kifuza kubaho. Kandi hari ikintu muri twe gisaba, kifuza gukora icyiza. Nuko rero, Imana izahamagara ku gicaniro, umuntu uzaza akabwiriza ukuri kudakuka. Kubera iki? Murabona? Murabona, aho ngaho. Niba rero uri umwana w'Imana nyakuri, ugatangira gutaka: ‟ Yoo Mana, binkuremo. Nkeba kuri iki kintu. Nkuramo ibi bintu.” Kubera iki? Ni iby'ingenzi kubw'ubuturo bwawe bwo mu ijuru, aho ugana, aho yagiye gutegura, hariya. Mugomba kuba Umugeni-Jambo nyakuri wa Christ.

58 Hashize iminsi mike, umugoroba umwe, nabwirije ku gitambo cy'impongano cya kera. Nabwirizaga ku hantu hamwe gusa, urusengero rumwe gusa, aho Imana izahurira n'umuntu. Yavuzeko ari ahantu yashyize izina ryayo. Yaravuze iti: ‟ nta handi nzahurira na bo hatari ahantu, irembo nashyizemo izina ryanjye.” Kandi ntizagusanga ku irembo ry'abametodisite, ku irembo ry'ababatisite, ku irembo ry'abapentekote, nta na rimwe muri ayo. Ahubwo ni mu Mwana Wayo yashyize izina rya Yo. Yaravuze ati: ‟ Naje mu izina rya Data.”

Buri muntu wese aza, buri mwana aza mu izina rya se. Ya… naje mu izina rya Branham, kuko data yitwaga Branham. Nawe waje mu izina witwa kuko ari izina rya so.

Na Yesu, umwana, yaje mu izina rya Data. Kandi yavuzeko yashyize izina Rye, ‟ muri iri rembo, aho nashyize izina ryanjye, icyo ni cyo gitambo.” Kandi muri Yesu Kristo, dore ahantu honyine aho mushobora, gusabana n'Imana ndetse mukayiramya.

Uravuga uti: ‟ njye ndi umuyoboke w'itorero, ibyo ntanakimwe bihindura.” Ukwiriye kuba muri Kristo.

Umubwiriza wo mu idini rimwe, yarambwiraga, umugoroba umwe, yaravugaga ati: ‟ mugabo Branham, umva. Yesu yaravuze ati:” uwizera wese.‟, Bibiliya iravuga iti: ” uwizera wese ko Yesu ari Umwana w'Imana aba yarabyawe n'Umwuka w'Imana.‟

59 Ndavuga nti: ‟ ese Bibiliya nanone ntivuga ko ntawavuga ko Yesu ari Kristo, niba atari Umwuka Wera ubimuvugishije?” murabona? Ntushobora gutuma Bibiliya ibeshya. Ni ngombwa ko impera imwe ihura n'indi.

Ni ukuvuga ko, ukwiriye kuvuka ubwa kabiri, ko ugira muri wowe Umwuka Wera, ubiguhamiriza, ukabikumenyesha, ko ari Umwana w'Imana. Ubwo rero niba uri we, ukaba urimo, niba uri Umwana w'Imana mu Ijambo ry'Imana, ni gute ushobora guhakana Ijambo. Ni gute Umwuka Wera yagutera kwizera inyigisho, ko ushobora gukora ikintu nk'iki, mu gihe nyamara Bibiliya ivuga ibinyuranye n'ibyo. “Biradusaba kuba ugize itorero, maze tugakora iki cyangwa se kiriya? Murabona? Kandi igihe ubonye ibyo, wijugunya mo wubitse umutwe, icyo gihe uba uri mu mahoro na We. Ukomeza kuzamuka hejuru kurushaho, maze hakabaho gukura.

Nk'imbuto yinjiye mu nda y'umugore, hamwe n'intanga ngore. Nuko igihe iyo ntanga ngore itangiye gukura maze igatangira kubyara imbuto, ntabwo ibyara imbuto z'umuntu, si imbuto z'imbwa, noneho imbuto y'imbwa hanyuma iy'inka. Ibyara gusa imbuto z'abantu.

60 Kandi iyo umwana w'Imana, igihe iyo mbuto yatoranyijwe… ntabwo bisanzwe gukoresha iri jambo, ariko ni Imana, ni Bibiliya y'Imana, hano. Kumenya mbere kw'Imana gushobora kugena mbere uko ibintu bizagenda, kandi byose bikaberaho kuyihesha icyubahiro. Igihe iyo mbuto yatoranijwe, mwebwe

mwagombaga kubaho, igihe Imana yabahamagaye, maze icyo cyana cy'ikizu, iyo mbuto yari imbere, yumvise ijambo ry'Imana—izagenda yiyubaka: ijambo ku rindi, ijambo ku rindi. Ntirizigera na rimwe ryivanga n'indi nyigisho iyo ari yo yose.

Mwitegereze. " Buri munsi, imbere muri iyi nyubako, bagombaga kurya umugati mushya wa Kascher. Kandi muri iyo minsi irindwi, ntamusemburo warangwaga muri bo." Sibyo? [iteraniro riti: "Amen."—umwanditsi ] ibihe birindwi by'itorero, ni ukuvuga ko, nta na kimwe cyari kidafite umusemburo, nta nyigisho n'imwe, nta nyongera. Ugomba kuba ari umutsima utarimo umusemburo. "nta musemburo uzaba muri mwe." Umusemburo uzaba ari ijambo ubwaryo kandi ryonyine. Kandi iryo jambo ni Imana. Kandi Imana yabaye umuntu mu mubiri wa Yesu Kristo, kandi niwe rembo. "dore irembo nzabasangamo, kugira ngo mujye muharamiriza, niba mwubahiriza amategeko y'Imana."

61 Niyo mpamvu, uyu mugoroba, niba waje kuvuga gusa uti: " Mpaye ubuzima bwanjye Yesu Kristo" kandi ukaba utari wakira Umwuka Wera, injira muri We. Ukwiriye kubikora. Ukwiriye gukurira muri We. Saba Imana kugushyiramo Ijambo ryayo, rimwe ku rindi. Kugeza igihe uzagera ku gihagararo gishyitse cy'umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana.

Kwemera iby'isi? 1 Yohana haravuga hati: " niba ukunda isi cyangwa iby'isi, ni ukuvuga ko urukundo rw'Imana rutaba muri wowe." Barakubeshye. Ufite urukundo rw'isi, none kubw'ibyo wemeye kubeshywa, Satani yarakubeshye, agushyira ibintu runaka imbere, no kukwereka—murabona?, ntushobora… ntushobora gukura muri Bibiliya Ijambo na rimwe ry'Imana.

Ni iki cyateye icyaha cya mbere? Ntabwo cyatewe n'ikinyoma gikomeye, ahubwo byatewe n'uko Eva yagize gusobanukirwa kutari ko—uko Satani yamweretse—ku Ijambo rimwe gusa. Ijambo rimwe gusa ryaciye umunyururu, Ijambo rimwe gusa banze kwakira. Ibi byari mu Itangiriro rya Bibiliya.

Yesu yaje hagati muri Bibiliya. Yaravuze ati: " umuntu ntazabeshwaho gusa n'umutsima, ahubwo azabeshwaho n'Ijambo ryose riturutse mu kanwa k'Imana."bisobanuye, Ijambo ry'Imana, mu mwuzuro waryo. Mwizeye ko uku ari uguhishurirwa, kumuhishura, We?[iteraniro riti: "Amen."—umwanditsi ] Ijambo ry'Imana mu mwuzuro waryo.

Ikindi, mu Byahishuwe 22, Yesu yasanze Yohana ku kirwa cya Patimosi. Nuko Yesu: " Njyewe Yesu, nohereje malayika wanjye kugira ngo mpamirize ibi bintu." Murabona? " Uwo ariwe wese uzagabanya kuri iri Jambo, cyangwa uzongeraho ijambo, nzamugabanyiriza umugabane we mu Gitabo cy'Ubugingo."

62 Ntibihagije gusa kuvuga uti: " Ni—nizera ko Yesu ari Umwana w'Imana." Ni byiza cyane. Noneho ongeraho n'ibisigaye byose. Uravuga uti: "nabazweho gukiranuka." Nakoze mu kiganza cy'umukozi w'Imana. Nizera Yesu Kristo." Ubwo rero, ugomba kuvuka ubwa kabiri. Ukwiriye kuzuzwa Umwuka Wera. Murabona? Komeza gusa kugenda womngeraho uko ugenda utera imbere. Urakura. Kubwo kugera ku gihagararo cy'umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana. Yoo !

Imana, ishoboye kudutegurira no kuduha ibyo tuyisaba, iki cyifuzo kiri mu buzima bwacu, iki cyifuzo cyo kubona ikintu runaka. Ni bangahe hano bakeneye Imana kurushaho? [iteraniro riti: "Amen."—umwanditsi ] Biragaragaza ko hari byinshi biguteganyirijwe. Murabona? Urabisaba, ni icyifuzo. Ibise byawe byo kubyara biri kumvikana. Murabona? Ukeneye byinshi kurushaho—kugira ngo tubashe kunezerwa, no kugira umudendezo, no gutungana. Niko dusabwa kumera.

63 Nk'urubuto ru—ruto rw'ubuzima ruri mu nda y'Imana, nk'urubuto rw'ubuzima ruri mu nda y'umubyeyi. Imana irakura... maze aragenda, yagiye kudutegurira ahantu hacu, ahantu h'iteka hamwe na We; si ahantu h'inzu y'ibyago, n'urupfu, icyaha, ubusambanyi n'umwanda w'isi uri hano. Niba ibitekerezo byawe birangamiye ibyo bintu, bigaragaza ko ibitekerezo byawe bitigeze na rimwe bihura n'Imana. Murabona ? Wariyoberanije, ntakindi. Ufite urujijo mu bitekerezo.

Uranezezwa no kuba umuyoboke w'itorero, nuko ukavuga uti : " mba muri iri torero. Mama na we yaribaga mo. » Wenda byari byiza mu gihe cya mama wawe, ariko turi mu kindi gihe.

Ubutumwa bwa Wesileyi ntibwari…Wesley ntiyashoboraga guhagararira gusa kuri Luteri. Luteri yizeraga ukubarwaho gukiranuka, ariko Wesileyi yari afite kwezwa. Abapentekote baraza, bo ntibashoboraga gufata gusa ku kubarwaho gukiranuka no kwezwa. Kuri bo cyari igihe cyo kugarurirwa impano. Ubu, dutera imbere dushingiye kuri ibyo. Murabona? Ibyiciro bitatu by'i—ikimera gikura. Ku ntangiriro, kiramera, Luteri yaraje, aturutse mu bugorozi. Ni byiza cyane. Cyari igiti. Mwitegereze ibya kamere. Imana n'ibyakamere bakora mu buryo bukomeza. Kuko Imana iri mu bya kamere. Murabona ? nuko haza ako kanyoni gatatse amababa, imbuto z'uburabyo: igisekuruza cy'abametodisite. Nyuma ahaza abapentekote, Yoo! Ni byza cyane, murabona, nk'uko urubuto rw'ingano ruba rusa n'ingano zitunganye. Rufungure byonyine, nta ngano zirimo na mba. Ni urukungu. Rutwara ingano, ariko ubuzima, hariya, bukomeza gukora umurimo wabwo. Murabona?

64 Abari bahari, mu gisekuruza cya Luteri, bemeye Luteri. Ubwo buzima bwabagezeho, ariko buza guhinduka idini. Bwahindutse vuba cyane idini ryagenewe gushya. Murabona ? uruti rwarumye ; rwari

rufashe gusa igiti. Bamwe bishakira kuguma kuri urwo ruti rwashaje rwafatağa igiti gusa, ntacyo bazi ku Mana, barapfuye. Baravuga bati : « ni byiza, nimurebe, twe turi ibabi. Twabonye Luteri. » Nibyo. Ariko nimurebe icyo biricyo ubu. Murabona ?

« Twari abametodisite. »

Ndetse : « Twari abapentekote. » Ariko nimurebe pentekote, uko igenda ikonja ihinduka iy'umugenzo, bose, barajya kure. Murabona ? Ni ibiki ? Bari batwaye imbuto y'ukuri. Murabona? Abo bose, bari abatwazi, ariko bafashe inzira y'idini. Iyo uvuze uti : « ndi umupentekote », ibyo, ku Mana, ntacyo bivuze, ni kimwe n'uko wavuga ko uri umugatorika w'i Roma cyangwa umuyahudi, cyangwa ikindi icyo aricyo cyose.

65 Ugomba kuvuka, ukavukira muri ubwo bugingo bwanyuze muri cya gikoresho cyari kibutwaye. Ntuzagume gusa mu ruti. Ntukagume gusa mu mbuto. Komeza utere imbere, kugeza ubwo uza kugera ku gice gitunganye.

Noneho, nimwibuke , mu bugorozi bwose twagize, abaluteri bose, n'abandi bose, mu gihe cy'imyaka itatu bahitaga bahinduka idini. Ni ukuri. Buri bubyutse bwagiye buhinduka idini nyuma y'imyaka itatu.

Mwibaze gato igihe ubu bumaze, imyaka isaga makumyabiri, kandi nta dini. Kubera iki? Ni imbuto yaje, ikurira munsi y'urukungu, nk'iyi. Ikibera aho, ubu igomba kuba mu kugaragara k'Umwana, kugira ngo ihishe, ihinduke iy'ubwiza, isa n'iyari iriho ku ntangiriro. Itorero ry'ukuri ryaguye mu butaka kuva ku ntangiriro, riri kugaruka, rizamuka mu ruti, kugira ngo ryeremo irindi torero mu gihe umusaruzi ari hafi kuza kuritwara. Ubuzima bwashyizwe muri Luteri, ubuzima bwashyizwe mu ba metodisite, ubuzima bwashyizwe mu ba pentekote buzinjira mu rubuto. Bwose buzinjira mu rubuto, buzasohoka kugira ngo bureme umugeni utunganye wa Yesu Kristo.

66 Nk'uko izuba rirasa mu gitondo. Ntushobora kubona ikintu na kimwe mu bya kamere kidahamya Imana. Ntanubwo dukeneye Bibiliya kugira ngo tumenye ko hariho Imana. Izuba rito rivuka: umwana w'uruhinja w'intege nke, ahagana mu masaa moya akajya ku ishuli. Ku isaha ya ine cyangwa iya saa tanu akarisohokamo. Saa sita akaba ari mu mbaraga ze zose. Saa cyenda z'igicamunsi, rigatangira gusaza. Saa kumi n'imwe cyangwa, saa kumi n'ebyiri...saa kumi n'imwe cyangwa saa kumi n'ebyiri z'igicamunsi, intugu zaryo zitangira kugwa. Rigapfa. Ese ni ryo herezo rya ryo? Oya. Oya ryongera kuzuka bundi bushya ku munsi ukurikiyeho mu gitondo. Ubuzima, urupfu, gushyingurwa, kuzuka!

67 Mwitegereze amababi amera ku biti, ibabi ryiza rifite ubuzima bwiza riramera, rigatanga igicucu, rikera urubuto rwaryo. Hanyuma, igihe cy'ubukonje kikaza, bwarigeraho, rigapfa; byose bigasubira mu mizi, mu butaka. Ese niryo herezo ryaryo? Igihe cy'umucyo iyo kigarutse, ryongera kugaruka nanone, kugira ngo ritange ubuhamya. Yoo! Ubu, ni ubuzima bw'ibihe byose. Ariko mwene Data, mushiki wanjye, dufite ubugingo buhoraho. Dufite ubugingo bw'iteka kubera, cya kiremwa cy'ubwiza cyaje, kirongera kiragenda, kandi gifite ububasha bwo kudutegurira umubiri. N'ubu bubabare bwo gukura duhura nabwo, nka mwe abagore, mwumva muciriweho urubanza kubera ibyo mukora, mwebwe abagabo mwihambira ku nyigisho zo mu iseminari, n'ibindi, mwese mukunda kuvuga muti: ‟ nsubiramo inyigisho runaka. Nkora ikintu runaka.” Ariko hari ikiri kuba imbere muri wowe, iyo ubonye amaso y'impumyi ahumuka, abatumva basobanukirw-... impumyi. Ibyo bintu byose byasezeranijwe. Ukabona Ijambo ribwirizwa mu mbaraga zaryo zose. Ukabona maraya, umukobwa wo ku mihanda, ahinduka umudamu. Ukabona umusinzi abusohokamo, agahinduka uwera w'Imana. Yoo! Murabona? Harimo ikintu runaka, harimo ubuzima. Ugatangira noneho kwiyumvamo: ‟ noneho, wenda sinkwiriye gukora ibi.” Ariko, murabona, mu by'ukuri, n'uko harimo ikintu runaka umubiri wawe ukeneye. ‟Ngwino!” ariko Imana ifite intungamubiri zose zikenewe na buri gace k'uyu mubiri. Yesu yagiye gutegura ahantu, hamwe n'Imana; yego mugabo, urubuto ruto, umwana w'Imana, umuhungu muto cyangwa umukobwa muto w'Imana.

68 Yesu yasabye ikintu kimwe gusa mu isengesho yasenze Data. Muzi icyo ari cyo? Ikintu kimwe gusa, nyuma y'ubwitange bwose yakoze muri iyi si, ubuzima yari yarabayeho, inzira yari yaragenzemo. Yasabye ikintu kimwe gusa: ‟ Aho mba, nabo bazabeyo.” Yasabye ubusabane hamwe natwe. Ni cyo kintu cyonyine yasabye Data mu isengesho: kuzabana nawe iteka ryose. Niba mwifuza kubisoma, ni muri Yohana 17,umurongo wa 24. Nonese, ni kangahe twe twakagombye kubyifuza? Niba yifuza...

Noneho mwumve. Niba mu by'ukuri warabyawe n'Umwuka w'Imana, ibi, ni byo byonyine bifite akamaro kuri wowe. Murabona? Ntabwo ari igitabo cy'amategeko. Ntabwo mubaho ku bw'amategeko, cyangwa ibindi. Mubeshwaho n'ubuntu bw'Imana, n'umwuka w'Imana.

69 Kenshi nkunda kuvuga ibi. Nk'umumisiyoneri, ndasabwa kujya hakurya y'amazi magari. Byagenda bite, mpamagaye umugore wanjye n'abana banjye nkababwira nti: ‟ noneho, bana nimunyumve neza! Madamu Branham, nawe, nyumva neza! Ninjye mugabo wawe. Ntuzagire undi mugabo igihe nzaba ntahari. Nubikora, ningaruka nzagukuraho”? Ahaa! Murabona?

Nkubita ikirenge hasi: ‟ Abana mwanyumvise neza?

—yego. Yego, papa. Yego, papa.

—muragowe, ninumva ko mwubahutse n'inshuro imwe gusa! Murabona?‟ Murabibona? Rwaba ari urugo? Si byo?

Nuko, noneho nawe, akambwira ati: ‟ Ni byiza, mugabo, warangije? Ubu rero nanjye hari icyo ngiye kukubwira. Mugabo Branham, ndi umugore wawe wemewe n'amategeko! Nawe kandi ni uko bimeze, ntuzigere ugira inshoreke mu gihe cy'urugendo rwawe.” Byaba ari urugo, sibyo? Byaba mu by'ukuri ari ikintu,

Ntabwo ariko tubigenza. Ndamukunda, na we arankunda. Iyo azi kongiye kugenda, azi ko ntashobora kugenda niba atari Umwami umbwiye kugenda. Turapfukama, tukegeranya abana maze tugasenga. Nkavuga nti: ‟ Mana wite ku mufasha wanjye nkunda, ku bana banjye.” Nabo baravuga bati: ‟ Yoo Mana, wite kuri papa, mugihe tudahari, mu gihe adahari.” Noneho, igihe tugiye...

70 Ariko mu by'ukuri ndamutse nkozeyo ikintu kibi hariya, ndamutse mu by'ukuri nkoze icyaha, nkakora ikintu kibi? Noneho, nagaruka, nkajya kureba umugore wanjye nkunda, ahagaze hariya, nkareba mumaso he hatangiye kuzana iminkanyari, n'imisatsi ye itangiye kuba imvi, nzaza musanga maze mubwire nti: ‟mukundwa hari icyo ngomba kukubwira. Urabizi ko ngukunda.

—Nibyo rwose,Bill, ndabizi rwose ko unkunda.

—Ngiye kukubwira ibyo nakoze. Nazanye umukobwa murugo.‟ Nzavuga nti: ” Ndagusaba imbabazi kuba narabikoze.‟ Ndizera ko yambabarira. Ndabyizeye mu by'ukuri. Ariko se koko nabikora? Iyo murebye hariya, nkareba imisatsi ye itangiye kuba imvi, nkareba ukuntu yambereye urukuta hagati yanjye n'abantu, n'uko nzi ukuntu yambereye umugore muzima, ese ibyo nabikora? Na—nahitamo gupfa aho kumubabaza. Mu by'ukuri.

None se hamwe n'uru rukundo (fileo) mfitiye umugore wanjye, urukundo (agapao) mfitiye Imana rwo rwangana rute! Yoo, sinshobora gukora ikintu cyayibabaza. Oya rwose. Nda—ndayikunda. Ndashaka gukora ibyo yifuza ko nkora byose. Ndashaka kwiringanyiza na buri Jambo ryose yavuze, ibyo ab'isi bavuga byose. Bo uko byagenda kose ntibazigera bayizera. Ndifuza kumenya We icyo yambwiye gukora. Kandi niba hari icyo mbura ndifuza ko yakimpa. Kandi nkabaho kubwayo, nirinda isi.

71 Uyu mubiri ushaje w'isi, hano, ugomba kwi...Hari ikintu ngiye kubabwira, uyu mubiri w'isi muha agaciro kenshi cyane, mufatira urugero kuri Holiwudu (Hollywood). Murahegereje cyane, ntabwo bisigaje igihe kinini. Murabyibuka. Mwumvise ubuhanuzi, murabona, ubwo Umwami yampaye: ‟ Hazijima.” Yego, mugabo. Mwitegereze. Izagwa mu icuraburindi. Mwitegereze gusa. Kandi, nta na kimwe ndabwirwa cy'ikinyoma. Kandi nzabihagararaho imbere y'umuntu wese washaka kugira icyo avuga kuri iyi ngingo. Sinzi igihe n'ahantu, ariko yararangiye. Urubanza rumanitse hejuru yayo. Ntabucunguzi ifite; byararangiye. Murabona?

72 Noneho mwitegereze ibi... Kubaho kubwe, wirinda isi. Noneho mwitegereze. Urareba televiziyo, bamwe muri mwe, bashiki bacu, ukajya hariya, ahantu runaka, ufite iyo nyota, mwebwe abagore bakiri bato. Muracyari bato. Ndabizi. Ariko muri abakirisito. Murabona? Muratandukanye. Ntimugomba kumera nk'ab'isi. Mukunda iyi si. Si mwe gusa urubyiruko; bamwe muri mwe basheshe akanguhe. Murabona ? Ni iki kibitera ? Murabona ? Mureba televiziyo, mukajya mu mangazini, mukabona ubwoko bwa ya myambaro mito abagore bambara, idakwiriye.

Muzi uko bizamera ku munsi w'urubanza ? ushobora gukiranukira umugabo wawe uko bishoboka kose, nyamara ku munsi w'urubanza, ukazabazwa kuba warakoze ubusambanyi. Yesu yaravuze ati : « umuntu wese ureba umugore akamurarikira, aba asambanye nawe mu mutima. » Ikosa ni irya nde ? Ni irya we. Murabona ? Wigaragaje utyo, mu ikabutura no mu ipantaro.

Nta gihe kinini gishize, ubwo umugore umwe yambwiye ati : « sinambara ikabutura, mwene Data Branham. Ndabishimira Umwami. Nambara amapamtaro. »

Ndavuga nti : « ni bibi kurushaho .» ni bibi kurushaho. Ni ukuri.

73 Ntaburyo nabumwe, bugihari ko umugore yagura ikanzu. Aravuga ati, umugore umwe aravuga ati : « ni byiza, wavuze ukuri. Ntaburyo buhari. Ntaburyo buhari bwo kuyigura. » Ariko baracyagurisha ibitambaro n'imashini zidoda. Murabona? Nta rwitwazo na rumwe mufite. Murabona ? Murabona ?

Tubibona hariya, mushiki wacu. Ndi mweneso, kandi ndi umugaragu wa Kristo, ugomba kuzasubiza mu rukiko rw'urubanza, ku byo ndi kuvuga uyu mugoroba. Murabona ? Uzabazwa ko wakoze ubusambanyi, kuko urukundo rw'Imana rwavuye mu mutima wawe. Uracyajya mu rusengero. Birashoboka ko waba ukinabyina mu mwuka. Wenda waba ukinavuga mu ndimi. Kandi ibyo bintu, ni byiza, ariko nanone, sibyo bikenewe. Oya mugabo.

Nimwibuke, Bibiliya iravuga iti : « Mu minsi y'imperuka hazaza ba kristo b'ibinyoma.», abasigwa

b'ibinyoma. Basizwe mu by'ukuri n'umwuka, n'Umwuka Wera, nyamara ari ab'ibinyoma. Murabona ?

74 Urimo abantu batatu. Inyuma hari umubiri. Ufite ibyumvisho bitanu bigufasha gushyikirana n'ubuturo bwawe bwo ku isi. Imbere, harimo umwuka. Aho harimo ibyumvisho bitanu : urukundo, umutimanama, n'ibindi, ari byo bituma ubasha gushyikirana. Ariko imbere y'ibyo, hari ubugingo.

Nimwibuke : « imvura igwira abakiranutsi n'abanyabyaha. » Ya mvura ituma imbuto z'ingano zimera, ni nayo imeza urukungu. Murabona ? Bishatse kuvuga iki ? Imbere muri iyo mbuto, harimo kamere, kandi iyo kamere irigaragaza, irigaragaza. Zishobora kuba mu nkambi imwe, iruhande rw'icyatsi kibi. Icyatsi kibi n'ingano biri kumwe kandi byose bikanezerwa kimwe. Yubitse umutwe. Yishwe n'inyota. Igihe imvura iguye, urukungu rushobora kunezerwa cyane kurusha ndetse n'ingano. «Ariko muzabamenyera ku mbuto zabo. » Murabona ?

75 Bakirisito, wenda sinzongera kubabona. Murabona ko, hari hashize imyaka myinshi ntagera hano. Wenda sinzongera kubabona. Mwitunganye mu Ijambo ry'Imana. Murebe mu ndorerwamo.

Ni nka wa mwana w'umuhungu, wabaga mu cyaro, atarigeze abona indorerwamo. Yageze kwa nyirasenge, atangira gutambagira. Nuko abona indorerwamo, maze abona umwana w'umuhungu mu ndorerwamo. Akomeza kugenda arebamo. Nuko anyeganyeza ikiganza cye, uwo mwana w'umuhungu nawe anyeganyeza ikiganza. Akomeza kwitegereza. Ntiyari yarigeze kwireba mu ndorerwamo. N'uko ayegereye, arahindukira maze aravuga ati: " Mama ni njyewe!"

Ese urasa ute, mu ndorerwamo y'Imana? Ese yerekana umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana? Ese haba hari ikintu runaka, mugihe uri kumva ibi, kigutera kwanga umuntu ubivuga? Cyangwa se hari ikintu kigukurura kigatuma uvuga uti: " nzi yuko uyu mugabo avuga ukuri, kuko biri mu Byanditswe?" Izo rero nizo ntungamubiri zikenewe muri wa mubiri uzaba hariya. Inzu uzakenera nugera hariya. Murabona? " Iyi nzu... Niba twarambaye iyi yo mu isi..."

76 Kandi nimwibuke, dukunda guha agaciro kenshi uyu mubiri. Tuwambika imyambaro myinshi. Dukora ibintu byinshi bitari ngombwa: duhindura, twongera duhindura, twongera duhindura, n'ibindi nk'ibyo. Kandi —kandi abantu bose niko babigenza. Birahagije gusa ko umuntu umwe akora ikintu runaka. Sokoza umusatsi wawe mu ibara ritukura, uzajya kubona ubone naba Jones basokoje imisatsi yabo mu mutuku. Ukava ku modoka yo mu bwoko bwa Chevrolet ugatunga iyo mu bwoko bwa Ford, ntibazabyihanganira. Ni igihe cyo kwiganana. Birahagije...birahagije gusa ko umugore umwe aza mu rusengero yambaye ingofero iteye mu buryo runaka, uzabona abagore bose nabo bayiguze; cyane cyane iyo ari umugore wa pasiteri, murabona, mujye gusa mureba ibiri kuba. Kandi ni ukuri. Ni ukuri rwose. Ni igihe cyo kwigana. Mwene Data, ni igihe cyo kwigana. Ibi byose—ibi byose biza ku bw'umugambi runaka. Uko byamera kose niba ikoti ryanjye rijyanye n'ipantaro. Kandi birangora; umugore wanjye cyangwa umukobwa wanjye mwiza, umwe muri bo agomba kumbwira karuvate bijyanye ngomba kubyambarana. Ariko si—si nita kubyo kujyanisha. Icyo njye nshaka ni uko imyitozo yanjye ijyana n'Ijambo ry'Imana. Icyo nicyo gifite umumaro, kuko aho niho nifuza kuba ; atari hariya mu nguni hamwe n'aba Jones, ahubwo hariya mu bwiza, aho Yesu ari, aho yagiye kudutegurira. Yego, aho niho dushaka. Yego mugabo,

kwirinda ibyo byose...

77 Iri hema rishaje ryo mu isi, aha, murumva icyo ari cyo ? Uyu mubiri, ni nk'ikote rishaje umuntu yambaye, ikote ryambawe kera. Ariko, ubu ufite irindi ryiza cyane kuburyo utazongera kurikoresha. Urakora iki ? Urarimanika mu kabati kuko ufite iryiza cyane. Ufite irindi kote ryiza cyane. Ntabwo rijyanye n'igihe nk'iryo wambaraga kera, ryashaje. Ni iki ? Dore, ni uyu mwambaro. Wowe uri, ikiri imbere. Mwibuke, uyu mwambaro ni iki wakoze ? Wagaragazaga isura yawe. Murabona ? Ariko, ubu ntabwo ukiwukeneye. Warawumanitse. Ni ubushwambagara. Kandi uyu mubiri ushaje niko umeze. Wowe — wambaye ishusho yo mu ijuru, nyamara ntabwoa ari wowe. Uri imbere muri uyu mubiri. Wowe, Umwuka w'Imana, muri imbere muri uyu mubiri. Nicyo gitera inyuma kumvira, kuko imbere niho hakurura, murabona, hatuma witunganya mu murongo w'Ijambo ry'Imana ; imbere hawe, wowe ubwawe, kubaho kwawe.

Uyu mubiri ni ikote rishaje gusa. Kandi umunsi umwe, uzawukorera iki, kuko wari muri uyu mwambaro ku bw'igihe runaka ? Ni nk'umwambaro wo mu isi ; uyu mubiri. Umubiri wawe—wawe w'ukuri, wowe w'ukuri, ari imbere muri iri kote rishaje mwita William Branham, cyangwa Suzie Jones cyangwa n'undi uwo ariwe wese. Murabona ? Uumunsi umwe bazawumanika mu nzu ndangamurage, yo mu isi ngo bajye bakwibuka. Uzawurambika hariya mumva, maze barambikeho ibuye ripfundikira : « bandikeho bati : uyu ni Revera runaka, cyangwa Yohana kanaka, cyangwa kanaka. » Uzaba urambitswe aho ngo bajye bakwibuka. Abantu bakubonye muri uyu gusa. Uwo wariwe, wowe w'ukuri yari imbere muri uyu mubiri. Ariko iri kote rishaje ryo ntakindi ryakoraga usibye "kugaragaza ishusho y'uwo mu ijuru."

Yoo, ncuti zanjye, ese mwaba mwarasabye ko bababikira ikote muzahindura? Ese mwarizigamishirije mu ijuru? Mwibuke birabasaba gusaba ko bababikira. Bitari ibuyo ntimwazinjirayo. Aha, ndababwira nkoresheje imvugo y'ubu muzi. Ugiye kuri hoteri ukavuga uti: " narimfite,.."

78 "Ese, warazigamishije? Ubwo rero mwihangane. Haruzuye." Uraguma hanze mu bukonje, kuko utabashije kuzigamisha.

Kandi iyo ugeze ku iherezo ry'urugendo rwawe rw'ubu buzima utarigeze uzigamisha, ntamuntu wo kukwakira uzabona.

Uzinjira mu iteka ryijimye, ahazaba gutaka, amarira, kuboroga ndetse no guhekenya amenyo. Birakwiye. Ntushobora kwinjira mu murwa, kuko utigeze uzigamisha. Biragusaba ko uba warasabye ko bakuzigamira mu murwa, aho Yesu yagiye kugutegurira. Mwibuke, biragusaba kuzigamisha no kwambara umwambaro w'agakiza. Ntushobora...

79 Muri Matayo, mfite hano umuroingo w'Ibyanditswe. Ndareba icyo Ibyanditswe bivuga, Matayo makumyabiri-...22.1 kugera 14. Simfite umwanya wo kubisoma, kuko twatinze. Nababwiye umwanya munini cyane. Ariko, mwibuke ko Umwami yatanze ubutumire kandi yateguye ibirori. Yabaze ibimasa bye byose, kandi yateguye amatungo afite ibinure, yateguye ibirori bikomeye. Kandi yohereje intumwa nyinshi, yatumiye abantu benshi ngo baze.

Umwe aravuga ati: " urabizi nyuma y'ibi byose, mbarizwa mu bintu runaka." "Kandi mfite ibintu runaka." "Ngomba kwita ku murima wanjye." Undi nawe yari afite ibintu byinshi yagombaga gukora. Arongera nanone yohereza intumwa, nuko bazigirira nabi. Nyuma.. ni igisekuruza cy'abayahudi Yesu yavugaga. Bari bafite ibindi bakoraga. Nuko, hanyuma, arabohereza: " Mubwire...Mugende. Ntimwite ku ...mubinginge. Mujye mu mihanda n'amayira, hose, mwingingire abantu kwinjira." Nuko nyuma y'ibyo, yari yiyemeje ko ibirori bye byagomabaga kuba. Hagombaga kuza abatumiwe. Nuko abona umuntu umwe utari wambaye umwambaro w'ibirori. Yari yashatse kuguma mu ikote rye rishaje. Nimurebe ibyo yamubwiye: " ncuti yanjye, wowe, nagutumiye mu birori byanjye by'ubukwe, nakuraritse, nguha ubutumire ngo uze..."

80 Kandi niba warigeze ujya iburasirazuba— nagiye kubwirizayo inshuro nyinshi—ibirori by'ubukwe biracyameze nka kera. Umukwe aba yateganyije umubare runaka w'abatumirwa. Birashoboka ko, mwene Data Kopp, wenda wabibonye mu buhinde. Murabona? Baba bafite umubare runaka w'abatumiwe; tuvuge ko wenda yashatse kurarika abatumirwa mirongo itatu. Ubwo rero, umukwe agomba gutanga imyambaro. Agomba kuyitanga, bityo hari umuntu uba ahagaze kumuryango. Ukaza witwaje urupapuro rwawe rw'ubutumire. Agasuzuma ubutumire bwawe, maze akakwambika umwambaro w'ibirori. Hariya, bamwe ni abakire, bamwe ni abakene, abandi nabo bameze ukundi, ariko, iyo bose bamaze kwambara umwambaro w'ibirori, bose baba basa. Baba bose bagaragara kimwe.

Kandi mugomba mwese kugaragara kimwe. Kuburyo utabasha kuvuga uti: "Njye ndi umumetodisite, hano, njye ndi umu presibiteriyene." Yoo! Oya. Mbere ya byose, nturi bwinjire. Murabona?

Ugomba kwinjirira mu irembo. Yesu yaravuze ati: "Ni njye rembo ry'ukuri."

« Ndi umupentekote. Ndi iki. Ndi kiriya. » ntacyo bivuze na gito.

Unyura muri iryo rembo, ugahabwa umwambaro w'ibirori.

81 Nuko uwo mugabo, ubwo yavugaga ati : « Winjiye hano gute, ncuti yanjye ? » Murabona ? Byerekanaga ko yari yinjiriye ahandi hantu, ko yari yinjiriye mu idirishya, ko yari yinjiriye mu gikari, ariko si mu irembo ; si mu irembo, mu buryo Yesu yaje, witangaho igitambo wowe ubwawe, wiha Imana n'ibikugize byose, ugana i Karuvali, ukabambanwa na We. Kandi mu kuzuka, kubwo kwambara umwambaro we w'igitambo n'urupfu ku by'isi.

« Niba ukunda isi cyangwa ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntanubwo rukurimo. » Murabona ? Niba ugikunze isi, ukaba ushaka kwitwara nk'ab'isi no gukora nk'uko ab'isi babigenza, uragerageza…uri…nubwo waba uri mu rusengero, ariko uri urukungu mu ngano ; unezeranwa n'abandi, wishimana n'abandi. Imigisha yose y'umwuka iri kuri wowe.

Uravuga uti : « Ariko ndahanura. » Kayifa nawe. Balaamu nawe. Ntacyo bivuze…

82 « Nfite umubatizo w'Umwuka Wera. » Nabyo, ntaho bihuriye. Ni impano ufite y'igihe gito gusa. Impano nyakuri, ni ubugingo bwawe, hariya, mu ndiba, urabona, bwabyawe n'Imana, kandi bugenzuza byose Ijambo ry'Imana, n'ubushake bw'Imana. Noneho, ugakura, murabona, maze, ukaba umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana. Uri umwana w'Imana. Kandi ibyo bintu, mugihe uri gutera imbere… nk'uko bigenda ku mubyeyi, ubu uri munda y'isi, uri kugerageza gusohokamo. Uri umwana w'Imana, uri gusohoka, kandi urabona Ijambo riravuga « ngomba kubikora, ngomba kuvuka ubwa kabiri. »

« Ndi umuyoboke w'itorero. » Ntacyo bivuze na gito. Murabona ?

« Ndi umumetodisite ; na mama ni we. » Ibyo bifite agaciro kuri mama wawe.

« Oh, ariko njyewe ndi umupentekote. Ndi umwe muri bo. » Ariko, nutiringanyiza n'iri Jambo, hari ikitagenda. Murabona ? Ubwo rero so w'ukuri si Imana. Kuko ibyo mu by'ukuri byatangiriye mu bugingo

bwawe. Ubwo bugingo ntibwaturutse ku Mana. Ni ukuvuga ko butari imbuto y'Imana kuva kera. Washyizwe mu ikoti. Uri mu murima w'ibyatsi bibi, kandi utanga ubuhamya bw'isi, mu byatsi bibi biyimeramo. Ukora nk'isi, ukunda isi, kuko urukundo rw'Imana rutakurimo.

83 Kandi hazabaho abasigwa b'ibinyoma, mu minsi y'imperuka, ntabwo ari ba Yesu b'ibinyoma. Ibi, ntabwo abantu bazabyemera. Ahubwo abasigwa b' « ikinyoma. » ni abasigwa, yego mugabo, ariko ni ba anti-kristo (barwanya Kirisito). Ni abasigwa b'umwuka kugira ngo bakore ibimenyetso n'ibitangaza Kristo yakoze, ariko ntibashaka kuba mu Ijambo Rye. Murabona ?

« Benshi bazaza imbere yanjye kuri uwo munsi, maze bavuge bati : Mwami sinahanuye nka n'irukana amadayimoni mu izina ryawe ? »

Azavuga ati : « Nimumve imbere, mwabakiranirwa mwe, sinigeze no kubamenya. »

« Nari umupentekote, Mwami. Imana ihimbazwe ! Naranezerewe. navuze mu ndimi. Narambitse ibiganza ku barwayi, kandi narabakijije, nirukanye amadayimoni. »

« Nimumve imbere, mwabakiranirwa mwe, sinigeze no kubamenya. »

84 Murumva icyo nshaka kuvuga? Yoo, bana bato, ese murumva mukeneye izi ntungamubiri uyu mugoroba, mukeneye ibi bintu? Hari umubiri utegerereje hariya. Hari umubiri tuzahabwa, udutegereje. Ncuti zanjye ntibakababeshye. Satani ni umubeshyi. Ndetse n—n'umwambaro w'ibirori by'ubukwe mugoba kuwambara. Birakenewe.

None ubu turi mu gihe cy'umugoroba. Umubiri wo mu isi ugiye kugenda, kandi turitegura kwinjira mu mubiri wo mu ijuru. Ubu turareba, k'umuhamagaro w'Imana udasanzwe ngo utwinjize muri iyo Edeni y'ubwiza. Kandi mbere y'uko tuvukira hano, imibiri yacu mito yahoraga isaba ikintu twagombaga guhabwa, tutagifite twaba turi aha nk'umwana uri mu mibabaro. Hariya hejuru, hamwe n'Imana nta mibabaro. Byose biteguye mu buryo butunganye, umugeni ameze nk'uko umukwe yari ameze, Ijambo risohoye mu gihe cyaryo. Imana ibihe buri wese muri mwe, abana, ntawe usigaye! Hari ijuru ryo kujyamo, hari n'ukuzimu ko kwirindwa.

85 Muri benshi, muziko Umwami yampaye amayerekwa, agera mu bihumbi. Ikintu cyiza kurusha ibindi...Kera natinyaga urupfu. Hashize hafi imyaka itatu, mwabonye inkuru yanditswe ku bacuruzi b'abakristo (Hommes d'Affaires Chretiens): Hakurya y'urusika rw'ibihe. Nziko bishobokako ntarenza iri joro. Wenda sinzongera kubabona ukundi mu buzima bwanjye bwa hano ku isi, ariko ibi ni ukuri. Sinzi niba ngomba kubyita iyerekwa, cyangwa iki mu by'ukuri. Igitondo kimwe, mu minsi ishize, nari—nari maze gukanguka. Nari navuye mu biterane. Umugore wanjye yari ahari, asinziriye. Ndamubwira nti : « Mukundwa ese wakangutse ? » Yari agisinziriye. Nari nzi ko twagombaga kubyuka ngo tujyane abana ku ishuri. Nuko nisegura ibiganza byanjye, maze ndibwira : « Ariko se, Bill Branham, uziko ufite imyaka irenga mirongo itanu ? Wowe, niba hari icyo ushaka gukorera Umwami, wari ukwiye kugira vuba, kuko udasigaje igihe kinini. » Ndibwira nti : « Yoo ! Ndizera ko nzabaho igihe kirekire ku buryo nzabona kuza k'Umwami Yesu. » Iteka mpora nibwira ko iyo umuntu apfuye, nzabona, dufate wenda uyu mwene Data hano. Navuga nti… « Yego mwene Data Branham, umugoroba umwe hariya ku isi, wabwirije mu itorero ryanjye. » Ariko yaba ari umwuka, sinamusuhuza mu kiganza, kuko ikiganza cye cyaba kiri hariya mu mva, kibora, murabona ; n'icyanjye na cyo. Muri make nicyo gitekerezo nari mfite.

86 Ariko muri icyo gitondo, numvise ikintu kimbuza amahoro. Naribwiye nti… byari nk'ibisanzwe, iyo iyerekwa rije. Nuko ndareba, ndongera kandi ndareba. Nuko ndibwira nti : «Yoo ! ibi byaba ari ibiki ? » Nabonaga udusozi duriho ubwatsi butoshye, kandi hose hari abagore b'inkumi bagendagenda, ari benshi nk'uruhumbirajana. Bose baragendaga, imisatsi yabo miremire imanutse kumigongo, bambaye amakanzu yera, batambaye inkweto, barangurura, basakuza cyane kuburyo byakumena umutwe : « Mwene Data ! »

Naribwiye nti : « ibi, ntibisanzwe. » Ndahindukira ngo ndebe. Nari ndyamye aho, umugore wanjye nawe yari aryamye ku buriri ». Nuko ndavuga nti : « ariko, urabizi ? Napfuye. » Ndavuga nti : « Dore ibyabaye. Na—napfuye .» Kandi, ndavuga nti : « Nshobora kuba nagize ikibazo cy'umutima cyangwa ikindi kintu gisa nkabyo. Napfuye dore umubiri wanjye aho urambitse.‟ Nari ndambitse gusa, niseguye ibiganza, meze ntyo, ntanyeganyega. Ndibwira nti: ” ntanubwo harimo metero esheshatu uvuye aho ndi.‟ Kandi nari aho ndeba. Ndibwira nti: ” Ni... Dore umugore wanjye. Byose byari bihari. Dore ishati yanjye imanitse hariya, hepfo y'uburiri. » Nuko ndibwira : « Njye ndi hano. »

87 Ndongera na none ndeba iruhande rwanjye, ba bagore bakomezaga kuza. Kandi bari...mbona abaturuka muri uru ruhande, kandi bari bene Data bazaga. Yoo! byari ukuri. Bose basaga n'abasore. Bararangururaga bati: ‟ Mwene Data mukundwa!” Yoo, sinarinzi icyo natekereza.

Naribwiye nti: ‟ Ibi nti bisanzwe.” Narirebye kandi mbona ntabwo nari umusaza. Nari umusore. Ndibwira nti : « ibi ntibisanzwe . » ndibwira nti : « ese iri ryaba ari iyerekwa ? » Nuko niruma urutoki. Nuko ndibwira nti : « Oya si nk'andi mayerekwa nabonye. »

Nuko muri ako kanya, hari ikintu cyatangiye kumbwira hano hejuru, nuko kirambwira kiti : « uri gusanga abawe. »

Nuko ndibwira nti : « abanjye ? aba bantu bose se ni aba Branham ? »

Arambwira ati : « Ni abo wazanye kuri Kristo. » Naho aba bagore…

Murazi, igihe cyose bamfata nkaho, batekereza ko, banyita umuntu wanga abagore, ariko si ko ndi. Murabona ? Nuko nizera …si—si—sinkunda abantu bakora ibiteye isoni, bakora ibidakwiye. Nkunda bashiki bacu nyakuri bo muri Kristo, bashiki bacu b'umwimerere. Iyo bameze batyo, ubwo, ni byiza.

88 Mfite inkovu za kera igihe nari ingimbi. Nahuye n'ibintu byangize bitya. Ariko ibi byose, yari—yari Imana yabikoraga, integura kubw'iki gihe. Murabona ?

Nizera ko nta cyiza nka mushiki wacu nyakuri w'umwimerere. Niba hari ikintu cyiza cyane Imana yabashije guha umuntu nyuma y'agakiza, yamuhaye umugore. Murabona? Ni ukuvugako, niba Imana yarashoboraga gutanga ikintu cyiza cyane, yaragitanze. None, kubona bamwe muri bo barigometse, ntibakinitwara ndetse nk'abagore, bahemuka ku muhigo wabo w'ishyingiranwa, ndetse n'abagabo babo. Mwibuke ko muhambiranyweho umwe ku wundi, igihe cyose muzaba muriho. "Icyo Imana yahuje mu isi kiba gihujwe no mu ijuru." Murabona?

89 Ni ukuvuga ngo, ni ibyo nabonaga. Kandi abo bagore bazaga biruka bakansimbukira mu ijosi, barampoberaga bampamagara bati: "Mwene Data." Kandi bari abagore. Ariko, murabona, hariya hantu, ntabwo hashobora kuba icyaha. Murabona? Bari abagore. Ariko, murabona, uburyo turemye hano, umugore ufite u—umusemburo, umusemburo wa kigore, n'umugabo ufite umusemburo wa kigabo, ni ibyo kurera abana. Hariya ntabizabayo. Bose bazaba bafite umusemburo umwe, ariko basa nk'uko basa ubu. Ishusho yo ku isi bafite hano niyo bazaba bafite na hariya, ariko ntihazigera haba icyaha. Mwese muzaba mumeze kimwe. Hariya ntituzongera kurera abana. Murabona? Ni ukuri. Byose bizaba bimeze bitya. Nuko, nararebaga, hari ba bagore, na...

90 Nuko baranterura. Abo bene Data banshyira ahantu hirengeye. Ndavuga nti: " kuki mukoze ibi?"

Arambwira ati: " ku isi wari umutware." Nuko aravuga—nuko aravuaga ati: Wa...aba ni ba bantu."

Umugore umwe yegera imbere. Aravuga ati: " Mwene Data mukundwa." Umugore w'uburanga buhebuje!

Ubwo yatambukaga imbere yanjye nuko ijwi rirambwira, muri aya magambo: "Ese ntabwo umwibuka?"

Ndavuga nti :"oya."

Aravuga ati: " wamuzanye kuri Kristo mu gihe yari afite imyaka mirongo icyenda. Uramubona? Noneho ushobora gusobanukirwa impamvu ari kuvuga ati " mwene Data mukundwa" si byo?"

Ndavuga nti: « None se mugiye... »

Aravuga ati : « Oya. Dutegerereje hano. »

Ndavuga nti : « nonese ubwo ndi hakurya, ndashaka kureba Yesu. »

Aravuga ati : « ntushobora kumubona none aha. Ibi nibyo Ibyanditswe byita 'ubugingo buri munsi y'igicaniro.' We, ari hejuru y'aha. Umunsi umwe, azagaruka. Tuzasubira ku isi. Hano, nta kurya, nta kunywa. »

91 Ndavuga nti : « naho kuvuga ko ibi narimbifitiye ubwoba ! Ariko, ni… »

Ntajambo ryabisobanura, ncuti zanjye. «Biratunganye » nta nubwo biri hafi yabyo. "Ni agahebuzo". Mu nyunguramagambo y'icyongereza, simbona ijambo risobanura uko bimeze. Birenze ibyo nzi byose. Yari ahari. Nta ndwara zari ziriyo, nta gahinda. Ntabwo bashoboraga gupfa. Ntabwo bashoboraga gukora icyaha. Byari bitunganye, bitunganye gusa. Ncuti zanjye, ntimugomba kubihomba. Mwibuke.

Kandi igihe nari umwana muto, nabonye iyerekwa ry'i kuzimu, nari umumwana muto. Kandi muzi ukuntu abagore, uyu munsi, cyangwa se abagore (umugore nyawe ntiyagakoze ikintu nk'icyo) kwisiga amabara ku maso akamera nk'ay'ikirura, cyangwa ikindi kimeze nk'uko, n'ibyo bintu by'ubururu munsi y'amaso. Narabibonye. Nari ndi gutebera. Nari umwana muto ; nari narashwe, ndyamye mu bitaro, ndi gupfa. Nari nzi kuva kera ko Imana iriho. Ndibuka isengesho rya mbere nagerageje gusenga. Ikintu cyonyine nabashaga kuvuga…si—si ndigera na rimwe mvuga ibi, ariko ndumva mu mutima ko ngomba kubivuga muri uyu mwanya. Nari narashwe isasu. Nari ndyamye aho mu murima, ndi mu bubabare bwo gupfa. Kandi ingingo imwe yo kundengera nari kuvuga imbere y'Imana, naravuze nti: "urabizi Mwami ko ntigeze nsambana." Murabona? Nari umuhungu muto wo mukigero cy'imyaka cumi n'itanu; nari narageragejе kubaho nk'uko bikwiye. Nuko ndavuga nti: " nabayeho ndi imanzi." Ni cyo cyonyine

nashoboraga kuvuga. Ni cyo kintu cy'ubutwari narimfite cyo kumwereka.

92 Nuko ndyamye aho, umuganga amaze kugenda, numvise ndi kurigita mu mwijima w'iteka, wagira ngo... Mpamagara papa ntabaza: "Yoo! Papa ngwino untabare." Papa ntiyari ahari. "Mama ngwino untabare." Mama nti yari ahari. "Yoo Mana, ngwino untabare." Imana ntiyari ihari. Yoo zari inzozi ziteye ubwoba, zitarangira. Ukuzimu kw'umuriro, n'ibirimi by'umuriro, haba ari heza uhagereranyije n'aho hantu. Mu gihe nari ndi kugwamo, naribwiraga nti: « Yoo ! » ndi kwibarangura, gutyo. Nuko ngera ahantu huzuye umwotsi, hijimye, hateye ubwoba. Yoo, mbega kwiyumva ! Rwari urupfu, rwari rundiho. Nabashaga kubona abo bagore baza bansanga, bafite amaso asize amarangi, gutyo. Kandi, mwibukeko, ibi kuva bibaye, hashize imyaka mirongo ine n'itanu cyangwa se mirongo ine. Barahumaga, ngo : « Hun ! Hun ! Hun ! »

Nuko, ndabaza nti : « ese aha nzahaguma iteka ryose ?

—iteka ryose. »

Ndavuga nti : « nunkura aha, si—si —si nzongera kukugirira isoni. Sinari kuzongera kukugirira isoni. Sinari kuzongera kugira isoni. Yoo Mana, ndakwinginze, mpa amahirwe. »

Ako kanya numva ndagarutse. Umuganga yari ahangayitse, kuko umutima wanjye wari uri gutera inshuro zirindwi ku munota gusa. Nari natakaje amaraso yanjye yose n'ibindi, nogaga mu maraso yanjye bwite. Nibazaga niba ibyo umunsi umwe byari kuzabaho.

93 Hashize hafi y'imyaka ibiri, igihe nagiye gutura i Tucson, nari kumwe n'umugore wanjye, mu mangazini ya J C Penney. Nari nicaye aho, ntya, nubitse umutwe, ntegereje. Kuko murabize ukuntu abagore bameze, bamara umwanya munini mu mangazini. Nuko, nari—nari nicaye, nubitse umutwe ntya. Nuko, hejuru kuri escalier zigenda, mbona bamwe muri ba bagore baza, bafite imisatsi yogoshe bagaragara nk'abafite amazi mu bwonko, murabizi nk'uko babigenza, batyo. Barahagera n'amaso asize amabara. Kandi bavugaga iki esipanyolo (espagnole). Byari ibyo. Byabintu byose (iyerekwa) byongera kwisubiramo. Byari : « Hun ! Hun ! »

Mwene Data, mushiki wanjye, hari ikintu ngiye kubabwira. Bishobora wenda kugaragara nk'ibishimishije muri iki gihe, ariko iyo ugeze hariya ; biba biteye ubwoba. Ntimukigere mufata iyo nzira.

94 Njyewe w'umusaza, umukozi w'Imana, nabwirije mu isi yose, mfite amamiliyoni y'incuti, ariko nziko ngomba kuzisobanura hamwe namwe hariya. Muhunge ibintu by'isi. Kandi niba muri wowe harimo ikintu kigutera gukomeza gukora nk'uko ubigenza, kandi mu by'ukuri ibintu by'isi bikaba bikurimo, ibuka ko, utari uw'Imana, uri umuyoboke w'itorero gusa, igihe cyose hatari uwo muhamagaro, ubwo burebure buhamagara ubundi burebure.

Ni kimwe n'uko mbere y'uko habaho amababa yo ku mugongo w'ifi, ayifasha koga, byasabaga ko habanza kubaho amazi izogamo, bitari ibyo ntiyari kuzigera igira utubaba tuyifasha koga.

Mbere y'uko igiti na kimwe kibasha kumera mu butaka, byasabye ko habanza kubaho ubutaka, bitari ibyo nta giti na kimwe cyari kuhamera. Igiti nticyari kugira impamvu n'imwe yo kubaho.

95 Mbere y'uko habaho ibyaremwe, hagomba kuba hari Umuremyi. «Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka.» Murabibona ? Hari ikintu runaka kiri muri twe. Mwazamuye ikiganza mukanya, kugira ngo muvuge muti : « nkeneye Imana kurushaho .» Murabibona ? Aho, harimo icyifuzo.

Kandi niba ukunda isi, ugakurikira ya nzira, iy'iby'isi, ugakurikira isi mu isiganwa ryayo, kandi uzajya mu kurimbuka. Murabibona ? Nimusohoke. Muri abahungu n'abakobwa b'Umwami. Mube abagore n'abagabo biyubashye. Mugende nk'abakristo. Mubeho nk'abakristo. Mukore nk'abakristo. Mwibukeko, nzabasanga mu rubanza mukiri kwibuka izi mburo. Murabibona ?

Uyu mugoroba, urebere mu ndorerwamo yawe maze urebe. "Ese ndi kujya mu kihe cyerekezo? Ese Yesu ari kuntegurira ahantu, umubiri? Uriya mubiri uratunganye. Uriya mubiri witwara nk'uko bikwiye. Ni umuhungu cyangwa umukobwa imbere y'Imana. Kandi aha numva ububabare bw'ibise, kugira ngo mvukire mu mubiri uri hariya. Niba ngikunze isi, biranyereka ko ntari we, ko nta mubiri mfiteyo hariya. Naba ndi umuyoboke w'itorero gusa. Ntabwo nari imbuto y'Imana. Ntabwo naba ndi yo. Yaba atari Data."

96 Yaravuze ati: "Niba mutihanganira gukosorwa," ari ko muri kwakira none aha, " ubwo noneho mwaba muri abana b'ibibyarirane, mutari abana b'Imana." Si byo? [ iteraniro riti: "Ni ukuri."—umwanditsi] Ese si byo Bibiliya ivuga? [«Amen.»]

Niba mutihanganira gukosorwa n'Imana, igihe mubonye Ibyanditswe bibasubiza mu murongo, mukavuga muti : «Yoo, sinshaka kumva ibyo bintu. Njye ndi—ndi umukristo. Nkora…» Ni byiza cyane. Nimugende. Murabona ? Dore gihamya kidashidikanywaho ko utari umwana w'Imana.

Ariko umwana w'Imana nyakuri, ahorana inzara n'inyota. Kubera iki ? Niba, mu mutima wawe, ikintu

runaka kikubwira ko ukifuza kandi kikaba ari ikintu ukeneye, aho biragaragaza ko hari ikintu gihondahonda, kigerageza kugukururira yo. Hari umubiri hariya, uyu ubereye ikigereranyo. Uyu mubiri uwumaza iki : guhesha ikuzo Satani n'isi, n'ibigezweho n'ibindi cyangwa se amaso yawe atumbiriye ijuru: hari ikintu hariya hejuru, kandi uhesha ikuzo Imana mu buzima ubaho.

Hari amazu menshi mu rugo rwa Data. Iyo aza kuba adahari mba mbibabwiye. Ngiye kubategurira ahanyu. ... kandi nzagaruka kubajyana, kugira ngo ahomba namwe muzabeyo.

Ibigomba kuzaba. Ibintu biriho ubu ni ikintu gifite imbaraga, gihora gisaba kubona ibizaza.

Dusenge.

97 Mutekereze cyane. Murashaka kubikora, ncuti nkunda bakristo ? Mutekereze cyane mu kanya gato. Dutuze ducecetse mu gihe cy'akanya gato. Tureke Umwuka Wera avuge. Kandi, Umwami Yesu yabantumyeho, mwe abapentekote, hashize igihe kinini. Mufate, uyu mugabo, ni umwe muri mwe, kandi yahindutse umwungeri wanyu, yavuzeko " ari umusaruro w'umurimo. Yabonye Umwami Yesu, ahumura amaso y'impumyi; yavuze ko yamubonye " asubiza ingano isanzwe imitwe y'abarwaye kugira amazi mu bwonko." Nkomeje umurimo wo gusengera abarwayi bagakira. Ariko, maze kubona ko nasengeye abantu benshi bari barwaye cyane. Barakize. Umwami yasubije isengesho nuko akiza abarwayi. Ariko, murabizi, bamwe muri abo bantu bari barakize bamaze gupfa. Kandi uko waba urwaye kose, niba warakize, n'ubundi uzapfa.

Ariko ubu bugingo, mwene Data mukundwa, ubu bugingo, mushiki wanjye mukundwa, ese ntimwifuza kubitekereza ubu? Bwo, ni ubw'iteka. Niba urwo rukundo rw'Imana rudahari, imbere, niba nta kirimo gikurura, ntimushaka gusaba Imana: "Yoo Mana, mpa gutangira bundi bushya, uyu mugoroba. Ndagukunda Mwami. Ndashaka kugukunda. Kandi hari ikintu mu mutima wanjye kimbwira ko ngomba kuba hafi Yawe. Ndashaka kuza kubikora none aha, Mwami." Niba uwo muntu cyangwa abo bantu bari muri iki cyumba, cyangwa se hanze y'iki cyumba, ndabasabye, nk'umugaragu wa Kristo, no mu Izina rya Yesu Kristo, wubitse umutwe wawe, niba ushobora kuzamura ikiganza cyawe ku Mana, maze ukavuga uti: "Yoo Mana, nkurura hafi Yawe, hafi cyane, Mana mukundwa. Ndashaka kuringanira n'ibiri mu Ijambo ryawe byose."? Muzamure ibiganza byanyu. Noneho, mube abanyakuri rwose. Mutekereze.

98 Nuko, abantu baravuga bati: "Yoo, nakoze ibi. Na—nararanguruye cyane ndi mu Mwuka. Navuze mu ndimi. Ariko, murebe, hari ikintu kibura mu buzima bwanjye. Ndarebera mu ndorerwamo y'Ijambo ry'Imana, nziko hari ikintu runaka. Njya mu rusengero ariko si ndi icyo nagombaga kuba ndi cyo. » Murabona ? Bigaragaza ko hari ikintu runaka.

Kandi niba, mu kwisuzuma, ushobora kubona ko udatunganye neza mu Ijambo ry'Imana, ariko ukaba muri wowe nta kintu kiguhatira kuzamura ikiganza, ubwo rero umenya ko hari ikintu kitagenda. Ufite, hari…Mama yajyaga avuga ati : «ntushobora gukura amaraso mu giti, kuko ntamaraso abamo.» Murabona ? Ibi mubitekerezeho cyane. Waba ariwo mwanya wawe wa nyuma. Ibiganza mirongo itatu, mirongo ine byazamuwe, aha, muri iri tsinda rito, ndetse n'abagize itsinda ry'ubuyobozi bw'itorero.

99 Mube abubaha byibura mu kanya gato. Noneho mutekereze neza. " Mana mukundwa, birashoboka ko napfira mu mpanuka uyu mugoroba. Birashoboka ko nakwicwa no guhagarara gutunguranye k'umutima. Kimwe muri ibi bitondo bine, birashoboka ko nahamagara umuganga, akaza, umuvuduko wanjye w'amaraso utabasha gukora neza; nkaba ndapfuye. Ndambitse umusaya wanjye ku musego, ndasaba: " Yoo! Mana! Yoo! Mana! Yoo! Mana!" Murabona? Uyu mutima uri gutera ubwa nyuma. Muzagera kuri ririya rembo rigari. Ntuzigera uharenga, keretse gusa warabyawe ubwa kabiri n'Umwuka w'Imana. Ntuzigera uharenga, keretse niba muri wowe harimo ikintu, igihe gusa wabyawe n'Umwuka w'Imana, ufite inzara n'inyota byo kugendana n'Imana. Birakenewe. Murabona? Uri umwana w'isi, wo mu nda y'isi, ugitegereje kuvukira mu bwami bw'Imana, aho yagiye kubategurira undi mubiri, ari wo mubiri utunganye.

Noneho, mutekereze cyane, maze dusengere hamwe.

100 Mana dukunda, nziko ibi Byanditswe mu Gitabo, mu Gitabo kinini! Gushakisha kwacu mu bijyanye na siyansi, Mwami, byibura byaraduhumuye bituma tumenya ibintu bimwe: tuzi ko ikintu cyose dukoze gihita kizenguruka isi inshuro nyinshi, muri ako kanya tuba tugikozemo. Tubibonera kuri televiziyo. Data, dusobanukiwe ko televiziyo atariyo irema ishusho, yo icyo ikora gusa ni ugukwirakwiza i—ibimenyetso by'amashanyarazi, mu muyoboro utanga ishusho. Ndetse n'ibara ry'imyenda twambaye, riragaragara, binyuze mu bimenyetso binyura mu kirere, kuko bikwirakwizwa mu isi yose bisa n'ibimenyetso. Nonese ni gute bashiki bacu bashobora kwambara imyambaro nk'iriya, bakagenza batyo, ntibanagire inzara; bisize amabara, imisatsi yabo yogoshe?

Abakozi b'Imana bajya kwiga tewolojiya, bagakora amahugurwa, maze " bakahemerera amagambo y'abantu, bakuyeyo amategeko Imana itegeka abantu bakoresheje imigenzo yabo, mu migenzo yabo", bakabwira abantu ko bihagije gusa kuba umuyoboke w'itorero.

Yoo Mana, ese baziko ijambo ryose tuvuze—byagaragajwe na siyansi—ko ryandikwa ? Kandi

kwandika bitangirana n'igihe dutangiye ubuzima bwacu bwo muri iyi si. Bikarangira igihe dupfuye, maze bikabikwa muri alubumu (album), y'Imana kugira ngo bizakoreshwe ku munsi w'urubanza. Gukubita kw'Imana, tuzakurokoka dute? Niba twareretswe ibintu byose mu buryo busobanutse, tukaba twarabyanze? Yoo! Mana dukunda, aya magambo ntajya apfa. Arakomeza ubuziraherezo. Ibyo twavuze bizagaruka ku munsi w'urubanza. Wabonye ibi biganza byazamuwe, Data. Bizerekanwa ako kanya ku munsi w'urubanza. Kandi n'ibyo imitima yabo yibwiraga bizerekanwa ku munsi w'urubanza.

101 None, Mana Data, ndagusabye, nk'umugaragu wawe, ndagusabye ngo ukure gukiranirwa kose k'ubwoko bwawe.

Gukiranirwa : ikintu tuzi ko tugomba gukora , ariko ntitugikore. Dawidi yaravuze ati : «ningira gukiranirwa mu mutima wanjye, Imana ntabwo izasubiza amasengesho yanjye.» Ndagusabye, yoo Mana, gukuraho gukiranirwa kwacu, kuko Ijambo ni indorerwamo Yawe, itwereka ko turi kure hangana yo kugira ngo tube abahungu n'abakobwa b'Umwami. Data ndagusabye ngo ubikore, uyu mugoroba.

Kandi ukore ku buryo hariya haba igicaniro, kuko ku gicaniro hamaze kuzura abantu. Kora ku buryo hariya mu ntebe aho abantu bicaye haba igicaniro ; kora ku buryo igicaniro kiba imitima yabo. Isi ijye kure ya buri mwene Data na mushiki wanjye wese uri aha. Maze iyi mbuto nto y'ubugingo, iyo mbuto y'Imana tumaze kuvugaho, icyo gice cyaturutse ku Mana kikagaragazwa hano kugira ngo cyubahishe kandi giheshe Imana ikuzo, yoo Mana, shyira isi kure yacyo.

102 Ku bandi, sinshobora gusenga, Mwami, kuko « iyi ndwara iganisha ku rupfu», kandi ntakintu kiri muri bo cyabatera guhaguruka. Ariko ku bashobora guhaguruka, kandi bakaba bazi ko ari bibi, eza imitima yabo n'ubugingo bwabo uyu mugoroba, Data. Babashe kuzuzwa Umwuka Wawe kandi bagendere mu mucyo Wawe.

Ha umugisha uyu mwungeri mwiza, ukiri muto, ufite ubuzima buzira umuze , kandi ugifite imbaraga, Mwami. Uyu musore wavuzeko, yakongejwe n'ibyo yabonye ukora. Uyu musore w'intwari, yoo Mana, kongeza ubugingo bwe. Bikore, Mwami. Ahore igihe cyose ari umwungeri mwiza, kugira ngo agaburire umukumbi, Umwuka Wera yamuhaye kureberera. Bikore Mwami. Yeguhindukira iburyo cyangwa ibumoso, ku nyigisho n'imwe, cyangwa ikindi cyose, ahubwo ribe ari Ijambo ritunganye ry'Imana risohoka mu kanwa ke, ryo ryonyine. Muhe umugisha, yoo Mana, we n'abo akunda, n'iri torero rye rito. Bana nabo bose, Data.

Ndabakuragije, Data. Imbuto yabibwe. Reka igwe ku mbuto yatoranirijwe ubugingo, kandi ikuze abakristo b'intangarugero kandi bafite imbaraga muri iri torero no mu yandi matorero baturukamo.

Bikore, Data. Ndabikweguriye mu izina rya Yesu Kristo, umwana w'Imana.

Kandi, Data, “Yakomerekejwe ku bw'ibyaha byacu, ashenjagurirwa gukiranirwa kwacu; igihano kiduhesha amahoro cyaguye kuri We, kandi ni kubw'imibyimba ye twakize indwara zacu.”

103 Hashize umwanya muto mbonye umugore ubujijwe amahoro yinjira mu muryango. Yoo Mana, mu muryango we, mbega ibintu byiza byahabaye, ukuntu wigaragaje! Yoo Mana, nsengeye uyu mugore. Kuraho ibiri kuba mu buzima bwe, Mwami, kandi umukize uyu mugoroba. Wakwemera kubikora, Mwami? Mushyire hafi ya We.

Uramubona, hari abana bato bicaye hano, Mwami bakeneye gukira indwara, ndetse n'abandi bantu. Ndagusabye ngo ubakize, Data. Bikore. Reka imbaraga zawe nziza zikiza, zize zidukize, zikize ubugingo n'imibiri yacu.

104 Noneho, kuri mwebwe, noneho, abari aha mu rusengero cyangwa no hanze, bakaba bari bakeneye gukira indwara, ndashaka ko muzamura ikiganza kubwo kuvuga muti: “nkeneye gukira indwara, mwene Data Branham.” Bisa nk'aho abantu bose babikeneye. Ni byiza cyane. Mwiteguye kwizera ko ndi umugaragu wa Yesu Kristo? Nimuvuge muti: “ Amen.” [iteraniro riravuze riti: “ Amen.”—umwanditsi]. Noneho, ndashaka ko murambikaneho ibiganza. Murambikaneho ibiganza gusa. Mwazamuye ibiganza, abari imbere no hanze; mwazamuye ibiganza kubwo kugaragaza ko mwizeye Imana.

Yesu Kristo yaravuze, umurimo wa nyuma yahaye itorero: “ Mugende mu isi yose, mubwirize ibyaremwe byose ubutumwa bwiza. Uzizera ...uzizera kandi akabatizwa, azakizwa. Utazizera azacirwaho iteka. Dore ibitangaza bizaherekeza abazaba barizeye: mu Izina Ryanjye, bazirukana amadayimoni; bazavuga mu ndimi nshya; nibafata inzoka cyangwa bakanywa ikintu cyica, ntacyo bizabatwara; ahubwo, nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira.” Kandi nibyo Yesu yavuze. Nimwibuke, ni We wabivuze. Ntakindi byakora usibye kuba. Ntiyari kubivuga, iyo haza kuba hatari umuntu uzafata iryo Jambo.

105 Ni kimwe n'inda ya Mariya yakiriye imbuto: “ Umwari azasama inda.” Kimwe n'igiti cy'umungazi cyaremwe, cyangwa nk'igiti cy'umuvumu kiri ku musozi, ni Ijambo Rye ryabikoze.

Ijambo rye rishobora kwiyandika mu mutima wawe none aha. “Ndi umwizera Mwami. Uyu mugabo cyangwa uyu mugore ndambitseho ibiganza ararwaye. Ntabwo nisengera ubwanjye. Kuko nibo bansengera. Ndamusengera, yaba ari umugore cyangwa umugabo. Yoo Mana, mukize. Ndi umwizera, kandi dore turateranye. Bamaze kutwigisha ko twari kumwe na Kristo ubwo yagendaga ku isi, kuko turi igice cy'Ijambo Rye. Twababaranye na We. Twavuye amaraso hamwe na We. Twapfanye na We. Twahambanwe na We. Twazukanye na We, kandi twicaranye na We mu ijuru muri Yesu Kristo. Umwami ukomeye ari hano hamwe natwe, kandi ndi umuhungu cyangwa umukobwa w'uwo Mwami. Ndambitse ikiganza cyanjye ku muhungu cyangwa umukobwa w'Umwami, ari kunsengera, nanjye ndamusengeye. None, Mwami, subiza isengesho ryanjye maze ukize uyu muhungu w'Imana cyangwa uyu mukobwa w'Imana.”

Twese hamwe noneho, dusengerane.

106 Mwami Yesu, tuje duciye bugufi kwatura amafuti yacu. Tuje kwatura ko dukwiriye indwara, urupfu n'umubabaro, ariko ko twemera impongano watanze ku bw'ibyaha byacu no ku bw'indwara zacu. None, uyu mugoroba, aba bahungu n'abakobwa b'Imana bari aha, bamaze kumva Ijambo rikosora, bazamuye ikiganza cyabo, barifuza kugendera hafi Yawe kurushaho. None, barambikanyeho ibiganza, kuko bizera ko Ijambo Ryawe ari Ukuri. Bizera ko ubu twazukanye na Kristo, ubu tukaba twicaranye na We mu ijuru. Ibiganza byabo babirambikanyeho, kandi bari gusengerana.

Waravuze uti: “ isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi, kandi Imana izamuhagurutsa; kandi naba yakoze icyaha azakibabarirwa. Mwaturirane ibyaha byanyu, kandi musengerane, kugira ngo mubone gukira. Kuko isengesho nyakuri ry'umukiranutsi rifite umumaro munini.” Yoo Mana ihoraho, subiza isengesho ry'abagaragu ba We.

Haranditse kandi nanone ngo: “ Ubwoko bwambaza Izina Ryanjye, ni baterana bagasenga nzabasubiza ndi mu ijuru.”Yoo Mana, subiza uyu mugoroba, uri mu ijuru, amasengesho y'abana bawe. Manura Umwuka Wera kuri iyi mbaga, nk'umuyaga wa serwakira.

Dushyize aba bantu imbere y'Imana.

107 Satani waraneshejwe. Uri ikiremwa cyaneshejwe. Yesu Kristo yakuneshereje i Kaluvari. Nta bubasha na buke ugifite. Uri umuriganya. Turagukabirije uyu mugoroba. Mu izina rya Yesu Kristo, indwara no kumugara, musohoke mu bantu bari aha. Babohoke, mu izina rya Yesu Kristo, Umwana w'Imana.

Alleluya! Mwumve ubwiza bw'Imana! Wumve ko isengesho ryawe ryasubijwe. Wizeye ko Imana yasubije umuntu wicaye iruhande rwawe? Ni bangahe babyizeye? Muzamure ibiganza. [iteraniro riranezerewe —umwanditsi ] Mwirebere.

Yoo, byiza cyane!

Ndamukunda, ndi...

Noneho, muzamuye ibiganza, muyimuririmbire n'imitima yanyu yose.

Kuko yabanje kunkunda...

Biturutse hariya mu ndiba y'umutima wawe?

Ambonera agakiza

I Kaluvariyo ku giri.

108 Ni bangahe muri mwe bizeye ko Imana, yababariye gukiranirwa kwanyu, ibintu mwakoze? “ Kandi guhera uyu mugoroba, Yoo Ntama y'Imana, nsezeranye ko nzagenda ngororotse. Nzajya ngenda nubahisha izina bampaye ry'umukristo, ubuzima busa n'ubwa Kristo. Nzazamura ibiganza, yoo Mana. Uyu mugoroba, ndakwiyeguriye bushyashya. Nzagendera mu mucyo.” Amen.

Yego, tuzagendera mu mucyo,

Aho imbabazi zitemba;

Zirabagirana iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, umucyo w'isi.

Yego, tuzagendera mu mucyo,

(ni umucyo mwiza cyane)

Aho imbabazi zitemba...

Aho yagiye kudutegurira ahacu.

Zirabagirana iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, umucyo w'isi.

Mwese abera b'umucyo, mwamamaze

Yesu, umucyo w'isi;

Ukuri n'imbabazi biri mu Izina Rye,

Yesu, umucyo w'isi.

None, tuzakora iki?

Yego, tuzagendera mu mucyo,

Aho imbabazi zitemba;

Zirabagirana iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, umucyo w'isi.

Ese ntimuri kwiyumva, muguwe neza? [iteraniro riravuze riti: " Amen."—umwanditsi]. Yoo ! Dusuhuzanye mu gihe tuyiririmba na none.

Yego, tuzagendera mu mucyo

Aho...( Imana iguhe umugisha, mwene Data.)

...hashashagirana;

Harabagirana iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, umucyo w'isi.

Duhumirize amaso yacu, maze tuyihogombe. [ Mwene Data Branham n'iteraniro batangira guhogomba Yesu, umucyo w'isi.—umwanditsi.] Dukora nk'abana. Turi abana.

Yoo, ni umucyo mwiza cyane,

Aho imbabazi zitemba;

Yoo, rabagirana iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu , umucyo w'isi.

Muramukunda , si byo? [iteraniro riravuze riti: " Amen."—umwanditsi]

Ukwizera kwanjye kurareba kuri Wowe

Wowe, Mwana w'intama w'i Kaluv-..

Muhumirize amaso gusa maze muyiririmbe. Muramirize mu Mwuka.

Mukiza w'Imana

Umva isengesho ryanjye,

Siba ibyaha byanjye,

Guhera uyu munsi ,

Mbe uwawe wese !

Kandi muri uru rwabya,

Rugoswe n'ibyago,

Yoo, mbera umuyobozi ;

Wirukane uyu mwijima ;

Ngwino uhanagure ubwoba bwanjye,

Si nzigere njya kure Yawe, na rimwe.

Yoo ! Ndabizi, nziko ndi umukino ushaje. Nkunda…mbona ari byiza inshuro igihumbi kuruta ibi bintu bishya byo kwigana gusimbagurika mu kajagari cyangwa roke na roll. Aba basizi ba kera banditse izi ndirimbo, ni Umwuka Wera wakoze ku ibaba ryabo, nuko batangira kwandika. Yoo ! Ntekereje kuri Eddie Perronet na bariya bose bakomeye, kuri Fanny Crosby :

Ntumpiteho udahagaze, yoo Mukiza Mwiza,

Umva gutaka kwanjye guciye bugufi...

109 Igihe kimwe, bagerageje kumutwara. Ntiya—ntiyakoze nk'umupentekote Elvis Presley, ntiyigeze agurisha umurage we w'imfura kubera umurundo wa za kadilak. We…abantu baje kumusaba kwandika—kwandika indirimbo zo mu isi.

Yaravuze ati : « ntakintu nakimwe kwisi nahabwa ngo nkore ibyo. »

Baramubwira bati : « dore, uri impumyi. Nugera mu ijuru, uzamumenya ute ? »

Arahindukira, maze mu guhumekerwa, aravuga ati :

Yego, nzamenya ko ari We,

Kandi nzahagarara iruhande Rwe;

Yego, nzamenya ko ari We,( gute?)

Ku nkovu z'imisumari mu biganza...

Muyandi magambo: “nintabasha kumureba, nzakora mu kiganza cye.”

Yego, nzamenya ko ari We,

Kandi nzahagarara iruhande Rwe;

Yego, nzamenya ko ari We,

Ku nkovu z'imisumari mu biganza bye.

Ese ntibibahatira kumukunda? Yagiye kudutegurira ahantu! “ Kandi ningerayo, nkamara kubategurira ahantu, nzaza kubajyana.”

110 Bana bato mwumva ububabare bw'ibise, nanone mwubahe amategeko y'Imana. Umwungeri arahari, niba muri mwe ntawe urabatizwa, amazi arateguye. Kandi—kandi niba ushaka kuba umwe mu bagize itorero, cyangwa gukora ikindi kintu, icyo aricyo cyose, gikore. Niba utari wakira umubatizo w'Umwuka Wera, uyu mugoroba ni umwanya wo kuwakira.

Ese ntimubyizeye? [iteraniro riravuze riti: “ Amen.”—umwanditsi]

“Yoo”, mwavuga muti, “Mwenedata Branham, twatinze. Wabwirije umwanya muremure cyane.”

Umugoroba umwe Pawulo, yabwirije nawe ubutumwa buteye nk'ubu, ijoro ryose. Nuko umwana... umusore ahanuka hejuru y'urukuta, arapfa. Nuko Pawulo wari wasizwe cyane n'ubutumwa nk'ubu, amurambikaho umubiri we, maze ubuzima bumugarukamo. Ahora iteka “ Yesu uko yari ejo, niko ari n'uyu munsi kandi n'iteka ryose.”

Muramukunda? Sibyo? [iteraniro riravuze riti: “ Amen.”—umwanditsi] Rindi rimwe ibiganza byacu bizamuye: “ Ndamukunda. Ndamukunda.”

Umucuranzi arihe? Niba ushobora kujya hariya, mushiki wacu, cyangwa n'undi wese. Ducurangire amanota, ndagusabye.

Ni bangahe bamukunda? Muzamure ikiganza. Muvuge muti : « Ndamukunda by 'ukuri. Ndamukunda n,umutima wanjye wose. Ndamukunda.‟

111 Noneho turirimbire icyubahiro cy'Imana. Amaso yacu ahumirije, ibiganza byacu bizamuye byerekeye mu ijuru: “ Ndamukunda. Ndamukunda.” Tugiye kumuramya. Iyo tubwirije, tukagorora, tukarandura, tukanakurura dutya, uyu ni umuti Imana iba iri gukwirakwiza, kandi urakiza. “ Hari umuganga ukiza ubugingo.” Tuyiririmbe noneho. Ducurangire.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko yankunze mbere,

Nuko ambonera agakiza

Ku giti cy'I Kaluvari.

Kandi niba ... “Abantu bose bazamenya ko muri abigishwa banjye, mugihe mufite urukundo hagati yanyu.” Ni ukuri. Niba tudakundanye hagati yacu, tuzashobora dute gukunda Imana tutabona?

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko yabanje kunkunda

Angurira agakiza

I Kaluvariyo ku giti.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7